# Imvaho Nshya

Soma Usobanukirwe Buri Munsi

Nº. E-66 TARIKI 7-13 NYAKANGA 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw Ikiguzi 1000 Frw





AMAKURU
Perezida Kagame yitabiriye Inama yiga ku Ikoreshwa rya AI mu guharanira ibyiza 5



AMAKURU
U Rwanda rugiye kwakira peteroli rwitumirije muri Kenya na Tanzania 8



UBUZIMA
Abantu 44 bamaze kwicwa n'inzoga zitujuje ubuziranenge 11



IMYIDAGADURO
Ishusho y'Igitaramo cya Iwacu Muzika Festival cyabereye i Karongi 22




# Minisitiri w'Intebe Dr Nsengiyumva yasuye imishinga y'iterambere y'asaga miliyari 436 Frw

HITIMANA Servand

***Minisitiri w'Intebe, Dr Justin Nsengiyumva, yasuye imishinga ibiri minini iri gushyirwa mu bikorwa mu Karere ka Nyagatare, irimo uwa Gabiro Agribusiness Hub n'uwa Muvumba Multipurpose, ifite agaciro k'arenga miliyoni 260 z'Euro (asaga miliyari 436,7 z'amafaranga y'u Rwanda), ikaba yitezweho guteza imbere ubuhinzi, ubworozi, kubona amazi n'ingufu z'amashanyarazi.***



Minisitiri w'Intebe, Dr Justin Nsengiyumva yasuye imishinga ibiri minini iri gushyirwa mu bikorwa mu Karere ka Nyagatare, irimo uwa Gabiro Agribusiness Hub n'uwa Muvumba Multipurpose

Uru ruzinduko rwabaye ku wa Gatandatu, tariki ya 11 Nyakanga 2026, aho yagaragarijwe aho ibikorwa bigeze, ibyamaze kugerwaho ndetse n'imbogamizi zikigaragara kugira ngo zishakirwe ibisubizo.

Minisitiri w'Intebe, Dr Justin Nsengiyumva, yashimangiye ko iyi mishinga ari ingenzi ku bukungu bw'Igihugu no ku mibereho y'abaturage, asaba abayishyira mu bikorwa gukomeza kuyikurikirana kugira ngo igere ku ntego zayo.

Ati: "Iyi mishinga ifitiye abaturage n'Igihugu akamaro ari yo mpamvu dukwiye gukurikirana ko ikorwa neza .Ku batangiye ibikorwa by'ubuhinzi muri Gabiro ,musabwa guharanira kugera ku musaruro wose ushoboka."

Minisitiri w'Intebe yasabye abahinzi n'abashoramari bakorera mu cyanya cyatunganyirijwe ubuhinzi muri Gabiro Agribusiness Hub kongera umusaruro w'imiteja, ukava kuri toni 12 zisarurwa kuri hegitari ukagera nibura kuri toni 20 kuri hegitari.

Yavuze ko kongera umusaruro muri iki cyanya bizagira uruhare mu gufasha Leta kugaruza mu gihe gito amafaranga yashoye muri uyu mushinga no kuwugira umushinga urambye ugira uruhare mu iterambere ry'ubuhinzi bw'u Rwanda.

Umushinga wa Muvumba Multipurpose urimo kubakwa ku buso bwa hegitari 700, ukazatwara miliyoni 166 z'Ama-Euro. Uzatanga serivisi enye z'ingenzi zirimo kuhira imyaka, kugeza amazi meza ku baturage, gutanga amashanyarazi no gufasha

KOMEZA KU RUP.3

## Umutungo w'ikigega RNIT warenze miliyari 86 Frw mu myaka 10

KAMALIZA Agnes

***Ubuyobozi bw'Ikigega 'RNIT Iterambere Fund' bugaragaza ko mu myaka 10 kimaze gishinzwe, cyavuye ku kuba ikigega cya mbere cy'ishoramari rihuriweho mu Rwanda kiba kimwe mu bigega by'ishoramari bifite uruhare mu iterambere ry'isoko ry'imari n'imigabane, aho kugeza ubu umutungo wacyo (Assets Under Management – AUM) wageze kuri miliyari zisaga 86 z'amafaranga y'u Rwanda uvuye munsi ya miliyari imwe mu 2016.***

Ubwo hizihizwaga isabukuru y'imyaka 10 iki kigega kimaze gishinzwe ku wa 12 Nyakanga 2026, cyagaragaje ko kugira ngo ibyo bigerweho byagizwemo uruhare no kuba hari Abanyarwanda bagenda bumva akamaro ko kwizigamira n'ishoramari.

Ubuyobozi bwa RNIT Iterambere Fund bugaragaza ko mu 2016, cyashinzwe hagamijwe guteza imbere umuco wo kuzigama no gushora imari mu Banyarwanda, binyuze mu gutanga uburyo bworoshye, bwizewe kandi bucungwa n'abanyamwuga, bugenzurwa n'inzego zibifitiye ububasha, ku buryo buri Munyarwanda yaba umuntu ku giti cye, amatsinda cyangwa ikigo bashobora gushoramo imari.

Gashugi Andre wabaye Umuyobozi Mukuru w'iki kigega cyigitangira mu 2016, avuga ko gishingwa byari urugendo rukomeye kuko bamwe batumvaga imikorere yacyo n'icyo kizafasha Abanyarwanda, ariko agaragaza ko mu myaka 10 ishize bakora hishimirwa ko Abanyarwanda bagenda babyumva.

Yagize ati: "Rwari urugendo kumvisha abantu umuco wo kwizigamira ariko uyu munsi turishimira ko Abanyarwanda bamaze kubyumva."

KOMEZA KU RUP.3

# Perezida Kagame yaganiriye na mugenzi we uyobora Estonia



**Perezida Paul Kagame na Alar Karis bari mu bitabiriye Inama Mpuzamahanga ku ikoreshwa ry'Ikoranabuhanga ry'Ubwenge Buhangano**

**SHEMA Ivan**

***Perezida wa Repubulika Paul Kagame yaganiriye na mugenzi we uyobora Estonia, Alar Karis, ku guteza imbere umubano w'ibihugu byombi mu nzego zifitiye inyungu abaturage.***

Aba bombi bahuriye i Genève mu Busuwisi, aho bitabiriye Inama Mpuzamahanga ku ikoreshwa ry'ikoranabuhanga ry'ubwenge buhangano (AI for Good Global Summit 2026).

Ibiro by'Umukuru w'Igihugu Village Urugwiro byatangaje ko Abakuru b'Ibihugu bombi baganiriye ku bikomeje gukorwa mu kongerera imbaraga umubano mu nzego zifitiye inyungu abaturage nko guhanga ibishya mu ikoranabuhanga ndetse n'ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu miyoborere.

Estonia n'u Rwanda bihuriye kuri byinshi kandi bifite amahirwe akomeye mu gukorana mu by'iterambere ryo gushaka ibisubizo hakoreshejwe ikoranabuhanga n'imikoreshereze yaryo muri gahunda za Leta kimwe no mu zindi nzego.

Umubano w'ibihugu byombi umaze gushinga imizi ndetse mu 2017 Kersti Kaljulaid wabaye umugore wa mbere uyoboye iki gihugu kuva mu mwaka wa 2016 kugeza mu 2021 yasuye u Rwanda mu runziduko rw'akazi.

Alar Karis ayobora Estonia kuva muri Kanama 2021 aho yasimbuye Kersti Kaljulaid.

Estonia iherereye mu Majyaruguru y'u Burayi, ifite ubuso bwa kilometero kare 45 336, ikaba ituwe n'abaturage 1 362 954 nk'uko ibarura ryo muri Mutarama 2026 ribigaragaza. Iza mu bihugu bya mbere byo mu Majyaruguru y'u Burayi mu bikoresha cyane ikoranabuhanga muri gahunda zitandukanye z'iterambere.

# Tito Rutaremara yavuze ku mahirwe urubyiruko rw'ubu rufite




**Tito Rutaremara yavuze ku mahirwe urubyiruko rw'ubu rufite**

**MICOMYIZA BALINDA Fidele**

***Umuyobozi Mukuru w'Urwego rw'Igihugu Ngishwanama rw'Inararibonye, Tito Rutaremara, yavuze ko urubyiruko rw'u Rwanda rufite amahirwe urundi rubyiruko rwo hambere rutigeze rugira haba mu Rwanda no hanze yarwo bityo ko bakwiriye kuyafata bagakora, bakubaka Igihugu kuko n'abandi bacyubatse mu gihe bari urubyiruko.***

Ni bimwe mu byo yagarutseho mu kiganiro yahaye abayobozi n'abakozi ba IKWIM ENERGIES LTD basuye Urwibutso rwa Jenoside rwa Kigali, ku wa 9 Nyakanga 2026. Insanganyamatsiko igira iti: "Kwibohora ku nshuro ya 32, no guhagarika Jenoside Yakorewe Abatutsi mu 1994"

Abitabiriye iki gikorwa ni abakozi basaga 100 biganjemo urubyiruko aho basobanuriwe amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, uko yateguwe, ingaruka yasize ndetse n'icyo u Rwanda ruri gukora mu buryo bwo kwiyubaka.

Hon. Tito Rutaremara yagarutse ku mateka y'urugamba rwo kubohora Igihugu no guhagarika Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ndetse n'icyo urubyiruko rukeneye kwitaho mu rwego rwo gutuma ibyabaye bitazongera kubaho.

Yagize ati: "Icyo urubyiruko rukwiriye kumenya, nuko abahoye iki gihugu bari urubyiruko, abenshi bari hagati y'imyaka 18 na 30, abo nibo bahagurutse, bubaka inzego zo mu muryango wa RPF, bashaka Abasirikare, biyigisha Politiki, bishyira ku murongo noneho batangiza urugamba."

Yakomeje avuga ko ba bikoze gihanga, babifashijwemo n'umuyobozi ubishoboye Perezida wa Repubulika Paul Kagame, waje Ingabo zikiri mu ngorane zo gutakaza abakomeye, muri zo harimo na Fred Gisa Rwigema n'abandi bari bamukurikiye.

Yavuze ko urubyiruko rukwiriye kumenya ko iyi Leta yabo ari yo Leta ya mbere yumva urubyiruko, izi akamaro ku rubyiruko, izi icyo rushoboye ari nayo mpamvu muri Politiki yayo mu byo ishoboye, usanga ireba urubyiruko. Urugero; uburezi kuri bose, amahirwe yose ashoboka yo kwiga, ubuvuzi kuri bose kugira ngo umwana abeho neza guhera hejuru kugera ku mavuriro y'ibanze ariko cyane cyane mu mashuri bakabigisha ibya ngombwa biriho, bakongera bakanabigisha kuba abayobozi, ariko ikinini cyane gikorwa n'iyi leta kitaba ahandi, ni ugushyira urubyiruko ruri hagati y'imyaka 18 na 30 mu nzego zifata ibyemezo kugira ngo bagire uruhare mu gufata ibyemezo, babarere ku bijyanye n'ubuyobozi, ibizatuma baba abayobozi beza bazi inshingano zabo.

Christophe Cyubahiro Ngarambe, Umuyobozi Mukuru wa IKWIM Energies Ltd, yavuze ko muri iyi Kampani 80% y'abakozi ba bo ari urubyiruko, bityo bakora ibishoboka byose bakaruha umwanya wo gusobanukirwa amateka mu rwego rwo kwirinda ingegabitekerezo ya Jenoside.

Yagize ati: "Iyo duhitamo abakozi ntabwo twita ngo uyu aturutse hehe cyangwa ngo uyu ni uyu, uriya ni uyu, ababishoboye bose bujuje ibisabwa n'indangagaciro z'Igihugu n'iza IKWIM Energies, bakora ibizamini utsinze agahabwa akazi.

Si ibyo gusa kuko bagira n'umwanya uhagije wo gusobanurirana amateka y'u Rwanda mu rwego rwo gushyigikira ubumwe bwabo. Buri mezi atatu, tugira umwanya wihariye, tukagira aho tujya, tugafata ingingo runaka yerekeranye no kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside, urugamba rwo kubohora igihugu se, n'izindi zerekeranye nazo, tukaganira bihagije ku buryo urubyiruko rwacu rusobanukirwa neza aho igihugu cyavuye ndetse naho kigana."

Kanyamahanga Teta Gradis umukozi muri IKWIM Energies, we abona urubyiruko rukwiriye kwiga amateka y'igihugu kugira ngo bajye babona nuko basobanurira abatayazi. Ati: "Mbona nk'urubyiruko dukwiriye kumenya amateka yacu kugira ngo abatayazi tujye tubereka ko uko bayumvise atari ko bikimeze, ko twese turi Abanyarwanda nta moko tugira kandi tukabaho dusakaza urukundo mu bandi kugira ngo tubereke ko amateka yacu nubwo yabaye tudahari ariko ibyabaye bitazongera kubaho."

Ngabo Christian ushinzwe ibijyanye n'amategeko muri IKWIM Energies, yavuze ko nk'urubyiruko bungutse byinshi bahereye ku rugamba rwo kwibohora igihugu cyanyuzemo.

Yavuze kandi ko urubyiruko rukerensa amateka bumva ko areba abakuze bakwiriye kubireka ahubwo bagakurikira uko byose byagenze kuko aribwo bazubaka igihugu barebeye ku mateka bakamenya ese bavuye hehe ariko kandi bakamenya naho bajya.

Kugeza ubu IKWIM Energies Ltd ikorera mu Mujyi wa Kigali, Bugesera, ndetse na Rwamagana aho bafite intego yo kwagura imbibi bakagera n'ahandi hose mu Gihugu.

# Minisitiri w'Intebe Dr Nsengiyumva yasuye imishinga y'iterambere y'asaga miliyari 436 Frw

IBIKURIKIRA URUP.1

mu kurwanya isuri.

Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Umutungo Kamere w'Amazi, Eng. Nyirishema Richard , yavuze ko uyu mushinga uzahindura imibereho n'ubukungu bw'abaturage bo muri aka karere.

Ati: "Uyu mushinga itegerejweho gufasha mu kunoza ubuhinzi aho hegitari ibihumbi 10 zizuhirwa bigafasha mu kongera umusaruro n'ibyinjizwa n'abahinzi.

Uyu mushinga kandi ni igisubizo ku kibazo cy'ibura ry'amazi rikunze kugaragara muri aka Karere aho buri munsi amazi agera kuri metero kibe ibihumbi 55 zizajya zoherezwa mu baturage bakayakoresha mu ngo zabo. Kubona amazi meza ku baturage bizabafasha mu kwirinda umwanda ndetse no kuhira amatungo yabo."

Minisitiri w'Intebe yanasuye umushinga wa Gabiro Agribusiness Hub ukorerwa ku buso bwa hegitari zisaga ibihumbi 16, uherereye ku nkengero z'umugezi w'Akagera ugabanya u Rwanda na Tanzania.

Uyu mushinga ugamije guteza imbere ubuhinzi bw'umwuga, ukaba ufite n'uruganda rutunganya amazi yifashishwa mu kuhira imyaka.

Umuyobozi wa Gabiro Agribusiness Hub, Ngarambe Aloys, yavuze ko ibikorwa remezo byamaze kugerwaho bikomeje gukurura abashoramari benshi.

Ati: "Uyu mushinga watangiye kubyazwa umusaruro aho twabonye abashoramari bakorera ahagiye hagezwa ibikorwa remezo.

Ubu hari abashoramari bandi baje kugura ubutaka bwo guhinga 7 bose baratangiye, hari n'abamaze gushyiramo ibikorwa remezo byo kuhira, abandi bari mu nzira zo kubishyiramo.

Yakomeje avuga ko uwo mushinga wahaye akazi abaturage bagera ku bihumbi 6 aho bakorana n'abashoramari batandukanye.

Abashoramari bakorera muri Gabiro Agribusiness Hub bavuga ko batangiye kubona umusaruro ushimishije, cyane cyane mu buhinzi bugamije kohereza umusaruro ku masoko mpuzamahanga.

Mutoniwase Sache uhagarariye KINVEST, ikora ishoramari mu rwego rw'ubuhinzi, yagize ati: "Tuhafite hegitari zigera kuri 500 twatangiye duhinga igice gito cy'ubutaka ariko ubu turahiga cyane imbuto kandi tukeza aho tugemura ku masoko yo mu burayi na Aziya.Ibintu biri kugenda neza."

# Umutungo w'ikigega RNIT warenze miliyari 86 Frw mu myaka 10

IBIKURIKIRA URUP.1

Umuyobozi Mukuru wa RNIT Ltd, ikigo gicunga Ikigega RNIT Iterambere Fund, Gatera Jonathan yavuze ko amafaranga cyakusanyije n'umutungo bafite bigaragaza icyizere abaturage bagenda bagirira gahunda z'ishoramari rihuriweho.

Avuga ko mu myaka 10 ishize byagaragaye ko kuzigama mu buryo buhoraho, gucunga neza ishoramari hakoreshejwe ubunyamwuga bishobora guhindura ubuzima bw'abaturage kandi bikagira uruhare mu iterambere ry'ubukungu bw'u Rwanda, ashimangira ko intego ihari mu myaka 10 iri imbere ari ugukomeza kwagura iyo gahunda.

Yagize ati: "Twagaragaje ko kuzigama mu buryo buhoraho bigira uruhare mu iterambere ry'ubukungu, intego yacu ni ugukomeza kwagura serivisi z'imari, kuzigama no gushora imari zikagera kuri bose."

Muri iyo myaka kandi Ikigega RNIT Iterambere Fund cyakusanyije arenga miliyari 145 Rwf, ubariye hamwe ayakusanyijwe ari mu ishoramari ry'iki kigega n'ayamaze gusubizwa ba nyirayo bayashora mu yindi mishinga.

Handitswe konti zisaga ibihumbi 90 zafunguwe n'abafite imigabane, (unit holders) bakaba barenga ibihumbi 350 barimo; abantu ku giti cyabo, amatsinda n'ibimina, abanyeshuri, n'abandi mu gihe mu mwaka umwe gusa wa 2025, hafunguwe konti nshya zirenga ibihumbi 40.

Ni mu gihe mu 2016, iki kigega gishingwa amafaranga yo kuba umunyamuryango yari ibihumbi 2 ari na yo kikiriho, ndetse muri uwo mwaka abantu 920 barimo n'ibigo by'imari ni bo bizigamye gusa, naho izamuka ry'agaciro ku mugabane umwe kavuye ku mafaranga 100 mu mwaka wa 2016 kagera ku mafaranga 274 mu 2026.

Umuyobozi Mukuru w'urwego rushinzwe Isoko ry'Imari n'Imigabane mu Rwanda (Capital Market Authority – CMA), Ngarambe Romeo yagaragaje ko bazakomeza gushimangira amategeko n'amabwiriza agenga isoko ry'imari kugira ngo gahunda z'ishoramari rihuriweho zikomeze gutera imbere no kugera ku Banyarwanda benshi himakazwa gukora kinyamwuga.

Yagize ati: "Tuzakomeza guteza imbere imikorere iboneye n'ubunyamwuga ku isoko ry'imari, gushishikariza guhanga udushya mu bicuruzwa by'ishoramari bikenewe n'ibyiciro bitandukanye by'abaturage, no kongera ubukangurambaga n'ubumenyi ku bijyanye n'ishoramari, cyane cyane ku bafite amafaranga make n'aciriritse."

Nubwo hazakomeza gushyirwamo imbaraga kugira ngo umubare w'Abanyarwanda bizigamira muri



Umuyobozi Mukuru wa RNIT Iterambere Fund, Gatera Jonathan



Umuyobozi Mukuru w'Urwego Rushinzwe Isoko ry'Imari n'Imigabane, Ngarambe Romeo

RNIT uzamuke ariko haracyari imbogamizi ku mubare w'urubyiruko n'abagore bizigamira kuko abagore ari 37%.

Isaba Abanyarwanda gukomeza kubyumva kuko ari inyungu by'umwihariko kuri bo no ku bukungu bw'Igihugu.

Mu myaka icumi ishize, RNIT Iterambere Fund yatumye kwizigamira no gushora imari bigera ku Banyarwanda benshi bishoboka, hatitawe ku rwego rw'ubushobozi babarizwamo.

Iki kigega cyanagize uruhare rukomeye mu kongera ubumenyi ku bijyanye n'imari n'ishoramari binyuze mu bukangurambaga bwakorewe hirya no hino mu Gihugu ku bufatanye n'inzego za Leta, abikorera, amashuri makuru na za kaminuza, amatsinda, ibimina n'amakoperative, amadini n'amatorero n'ahandi.

Gishimangira kandi ko mu myaka 10 iri imbere hazakomeza gushyirwa imbaraga mu kongera ubwizigame bw'Abanyarwanda, kwagura uburyo bwo gushora imari hakoreshejwe ikoranabuhanga, guteza imbere ubumenyi mu by'imari, kongera amahirwe yo kubona ibicuruzwa bitandukanye by'ishoramari, no kugira uruhare mu rugendo rw'iterambere rirambye ry'ubukungu bw'u Rwanda.

# Urukiko rw'Ikirenga rwibukije abacamanza n'abanditsi b'inkiko ko ubutabera butinze busiragiza abaturage

**ZIGAMA Theoneste**

***Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na Perezida n'Inama Nkuru y'Ubucamanza, Rt. Hon Mukantaganzwa Domitilla, yasabye abacamanza n'abanditsi b'inkiko guharanira gutanga ubutabera buboneye kandi ku gihe, birinda gusiragiza abaturage cyangwa kubakerereza serivisi.***



Abacamanza n'abanditsi b'inkiko bibukijwe ko ubutabera butinze busiragiza abaturage

Yabitangaje ku wa Gatatu, tariki ya 8 Nyakanga 2026, ubwo yakiraga indahiro z'abacamanza n'abanditsi b'inkiko 45 baherutse gushyirwa mu myanya.

Rt Hon Mukantaganzwa yavuze ko ubutabera butangwa butinze bugira ingaruka zikomeye ku muturage, ashimangira ko gutanga serivisi ku gihe ari imwe mu nshingano z'ibanze z'urwego rw'ubucamanza.

Yagize ati: "Icyo nabifuriza ni ukuzasohoza inshingano mugaha Abanyarwanda ubutabera bunoze kandi ku gihe. Ijambo ku gihe mwumve icyo rivuga ntabwo twifuza ko muzajya mubwira abaturage ngo 'genda ugaruke', cyangwa ubungubu twinjiye mu ikoranabuhanga ubajije ikibazo uyu munsi, ujye kuri mudasobwa ukibone uvuge ngo nzagisubiza ejo.

Yakomeje agira ati: "Ikoranabuhanga ryarabikemuye. Igihe ni amafaranga. Iyo icyo wari gukora uyu munsi utagikoze, bituma n'ibyo wagombaga gukora ejo na byo bidakorwa."

Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga yasabye aba bacamanza n'abanditsi b'inkiko kurangwa n'imyitwarire myiza no gukorana ubufatanye, agaragaza ko imirimo yabo yuzuzanya kandi ko buri wese afite uruhare mu gutuma ubutabera bugera ku muturage neza.

Yabibukije ko basanze abandi bamaze igihe muri uwo mwuga, abasaba kubigiraho no gukorana na bo mu mwuka wo kwigira hamwe no kuzuzanya.

Yagize ati: "Abari mu rwego rw'ubucamanza ni umuryango umwe. Tugomba gukorana no kuzuzanya kugira ngo turusheho kunoza ubutabera."

Rt Hon Mukantaganzwa yavuze ko umurimo w'ubucamanza usaba ubunyangamugayo n'ubwitwararike, ashimangira ko umucamanza akwiriye guhora arangwa n'imyitwarire inoze kandi itajegajega.

Yagize ati: "Ishingano yo gutanga ubutabera ntiyoroshye, ariko nta nubwo navuga ko ikomeye cyane. Icy'ingenzi ni uko mukomeza kurangwa n'imyitwarire myiza nk'iyo mwagiraga mbere yo kwinjira muri izi nshingano."

Yanabibukije kwirinda ruswa iyo ari yo yose, yaba ishingiye ku mafaranga, ku cyenewabo cyangwa ku bucuti, kuko byose bihungabanya ubutabera n'icyizere abaturage bafitiye inkiko.

Ati: "Umucamanza agomba kwirinda ruswa, yaba iy'amafaranga, iy'icyenewabo cyangwa iy'ubucuti. Ibyo byose dukwiye kubyirinda."

Yongeye kubasaba kubahiriza amasaha y'akazi no kwirinda gukereza iburanisha, agaragaza ko gutinda kw'umukozi umwe bishobora kudindiza imirimo y'abandi.

Yagize ati: "Akazi mu gihugu cyacu gatangira saa tatu. Ntabwo saa tatu ari bwo ugera ku kazi. Mujye muzinduka kugira ngo mudakereza iburanisha n'izindi serivisi."

Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga yavuze kandi ko imyitwarire y'umucamanza cyangwa umwanditsi w'urukiko igira uruhare mu isura y'urwego rwose rw'ubucamanza ndetse n'icyizere abaturage barugirira.

Yabasabye gukomeza gutanga serivisi zinoze, zakira neza ababagana no kubavugisha mu bwubahane, kuko ari imwe mu nkingi zituma ubutabera burushaho kwegera abaturage.

Yanagarutse ku baherutse kwimurirwa mu zindi nkiko, avuga ko impinduka mu nshingano ari uburyo bwo kurushaho kunoza imikorere y'urwego rw'ubucamanza kandi ko bakwiye kuzakorana umurava aho boherejwe hose.

# Ambasade y'u Rwanda muri Mozambique yizihije Kwibohora 32

**IMVAHO NSHYA**

***Tariki ya 9 Nyakanga 2026 Ambasade y'u Rwanda muri Mozambique yizihije umunsi mukuru wo kwibohora ku nshuro ya 32.***




Abanyarwanda n'inshuti zabo muri Mozambique bizihije Kwibohora 32

Ibirori byabereye muri hôtel AFECC Gloria iherereye mu mujyi wa Maputo byitabiriwe n'abagera kuri 400 barimo abayobozi bakuru ba Leta ya Mozambique, abadipolomate, abahagarariye imiryango mpuzamahanga, Abanyarwanda baba muri Mozambique n'inshuti z'u Rwanda.

Mu ijambo rye Ambasaderi w'u Rwanda muri Mozambique Col (Rtd)Donat Ndamage yagarutse ku mateka yo kwibohora k'u Rwanda, Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, aho abarenga miliyoni bishwe mu minsi 100.

Yashimiye ubuyobozi bwa Leta y'u Rwanda iyobowe na Perezida w'u Rwanda Nyakubahwa Paul Kagame, u Rwanda rwagaruye icyubahiro, icyizere n'uburenganzira bungana ku Banyarwanda bose.

Ambasaderi Ndamage yashimangiye umubano mwiza hagati y'u Rwanda na Mozambique, ashimira cyane ubufatanye buri hagati y'ingabo z'u Rwanda n'iza Mozambique mu kubungabunga umutekano mu ntara ya Cabo Delgado.

Yashimiye kandi Ishyaka rya politiki ryabohoje Mozambique (FRELIMO) ku nkunga ryatanze ku Banyarwanda mu gihe cyo kwibohora na nyuma yaho, avuga ko ari ryo shingiro ry'ubushuti bumaze igihe hagati y'ibihugu byombi.

Umushyitsi mukuru muri ibi birori Nyakubahwa Samaria dos Anjos Filemon Tovela, Minisitiri w'uburezi n'umuco muri Mozambique, washimiye u Rwanda intambwe rwagezeho mu bumwe, iterambere ry'ubukungu n'imibereho myiza.

Yashimiye uruhare rw'ingabo z'u Rwanda mu kugarura amahoro n'umutekano muri Cabo Delgado bafatanyije n'ingabo za Mozambique.

Minisitiri Tovela yagize ati: "Mozambique yiyemeje gushimangira ubufatanye n'u Rwanda mu by'umutekano, ubucuruzi, ishoramari,umuco n'izindi nzego z'inyungu rusange.

Ibirori byaranzwe n'imbyino z'itorero IKIREZI ry'Ambasade y'u Rwanda muri Mozambique, no kwerekana filimi igaragaza urugendo rw'u Rwanda mu kwibohora, inagaragaza impinduka u Rwanda rumaze kugeraho n'umurava rukomeje kugira mu mahoro ubumwe n'iterambere.

# Perezida Kagame yitabiriye Inama yiga ku Ikoreshwa rya AI mu guharanira ibyiza



**Perezida Kagame mu nama Mpuzamahanga yiga ku ikoreshwa ry'ikoranabuhanga ry'Ubwenge Buhangano (AI) mu guharanira ibyiza**

**NTAWITONDA** Jean Claude

***Perezida wa Repubulika Paul Kagame, ku wa Gatatu tariki ya 8 Nyakanga 2026, yageze i Geneva mu Busuwisi aho yitabiriye Inama Mpuzamahanga yiga ku ikoreshwa ry'ikoranabuhanga ry'ubwenge buhangano (AI) mu guharanira ibyiza.***

Muri iyo nama hatangirijwemo Komisiyo Mpuzamahanga ishinzwe guteza imbere ikoreshwa ry'ikoranabuhanga ry'ubwenge buhangano (AI) Perezida Kagame ayoboranye na Marc Benioff ukuriye Ikigo Salesforce, bakaba bungirijwe n'Umunyamabanga Mukuru w'Ikigo Mpuzamahanga cy'Itumanaho (ITU) Doreen Bogdan-Martin.

Iyi nama yateguwe na ITU ifatanyije na Guverinoma y'u Busuwisi, ikaba ihurije hamwe Abakuru b'Ibihugu na Guverinoma, abayobozi b'Ibigo biteza imbere ikoreshwa rya AI, abanyapolitiki, abashakashatsi n'abahagarariye Sosiyete Sivile baturutse mu bice bitandukanye by'Isi kugira ngo bungurane ibitekerezo ku kamaro ka AI, bashyireho amabwiriza aganisha ku ikoreshwa ryayo mu guhanga amahirwe atagira n'umwe asigaza inyuma, ndetse no gusuzuma uruhare rw'iryo koranabuhanga mu gushyigikira urugendo rwo guhanga ibishya.

Inama y'uyu mwaka yateranye ku nsanganyamatsiko igira iti: "Gufungura umumaro wuzuye wa AI ikorera inyokomuntu."

Biteganyijwe ko Perezida Kagame ageza ijambo ku bitabiriye iyi nama mu gihe cyo kuyifungura ku mugaragaro kuri uyu wa Gatatu, ndetse araza no kugira uruhare mu biganiro byo ku ruhande biba mu gihe cyo gufungura ku mugaragaro iyo Komisiyo abereye Umuyobozi.

Komisiyo Komisiyo Mpuzamahanga ishinzwe guteza imbere ikoreshwa ry'ikoranabuhanga ry'ubwenge buhangano (AI) ni gahunda yo ku rwego rwo hejuru ihuza abayobozi basaga 40 bahagarariye za Guverinoma, ibigo by'ubucuruzi n'Ibigo Mpuzamahanga bagamije guhuriza hamwe ibitekerezo bisubiza ibibazo bya tekiniki, iby'ubukungu n'imibereho ndetse n'ibya Politiki birebana n'ikoreshwa rya AI.

Inshingano z'ibanze z'iyo Komisiyo ni uguharura inzira igamije kongera icyizere cy'imikoreshereze ya AI muri rubanda, kongera umubare w'abayibyaza umusaruro, kubaka ibikorwa remezo ndetse no kugabanya ubusumbane, bishyira AI ku mwanya w'ibanze mu bikoresho by'ikoranabuhanga bihangana n'ingorane Isi ihanganye na zo ku muvuduko wihuta ku rwego rukenewe.

Perezida Kagame avuga ko ikoranabuhanga rikwiye guhora ari imbaraga zo gukora ibyiza, ndetse asaba ubutwererane mpuzamahanga mu kugabanya ubusumbane no guharanira ko abaturage benshi barushaho kugerwaho n'udushya tuyobowe na AI.

Ati: "Ikintu kimwe cyo ni ukuri: ikoranabuhanga rikwiye kuba imbaraga y'icyiza, kandi dufite inshingano zo kurikoresha mu byiza gusa. Reka turusheho gukorana mu kugabanya ubusumbane no gukomeza gufasha abaturage kubona inyungu AI ishobora kutugezaho twese."

Benioff bafatanyije kuyobora iyi Komisiyo Mpuzamahanga, yavuze ko AI yagaragaje amahirwe menshi y'iterambere ry'ubukungu anashimangira ko icyizere cy'abaturage kuri iri koranabuhanga rizahora ari ingenzi kugira ngo amahirwe ritanga abyazwe umusaruro mu buryo bwuzuye.

Iyi Komisiyo ishyize imbere guharanira ko abasaga miliyari 2,2 bataragerwaho na interineti bayibona, by'umwihariko mu bihugu bikiri mu nzira y'amajyambere byiganjemo ibya Afurika, nk'imwe mu ntambwe zo kuziba icyuho mu ikoreshwa ry'ikoranabuhanga.

Mu guhuriza hamwe abayobozi batanga umusanzu ukomeye mu kubaka ikoranabuhanga, kuribyaza umusaruro, gushyiraho Politiki irigenga ndetse no gufasha rubanda kuribyaza umusaruro, iyo Komisiyo izafasha gutegura ibisubizo bya AI mu nzego zitandukanye no kwagura imipaka bikajyana no guharanira ko ritanga umusaruro ukenewe mu bihugu bikiri mu nzira y'amajyambere.

# Ingabo za RDF zirwanira ku butaka zasoje amahugurwa y'amezi 5



**Abasirikare bongerewe ubumenyi, ubuhanga n'ubushobozi mu bikorwa bya gisirikare ngo barusheho kuzuza neza inshingano z'Ingabo z'u Rwanda**

**IMVAHO NSHYA**

***Abasirikare babarizwa muri Brigade ya 507 y'Ingabo z'u Rwanda zirwanira ku butaka basoje amahugurwa ya gisirikare yo ku rwego rwisumbuye baherewe mu kigo cy'amahugurwa cya Gisirikare i Gabiro mu Karere ka Gatsibo mu gihe cy'amezi atanu.***

Ibirori byo gusoza aya mahugurwa byabaye ku wa Kane tariki ya 9 Nyakanga 2026, aho byayobowe n'Umugaba Mukuru w'Ingabo z'u Rwanda Gen. Mubarakh Muganga wari uhagarariye Perezida wa Repubulika y'u Rwanda akaba n'Umugaba w'Ikirenga w'Ingabo z'u Rwanda, Paul Kagame.

Aya mahugurwa yari agamije kongerera abasirikare ubumenyi, ubuhanga n'ubushobozi mu bikorwa bya gisirikare kugira ngo barusheho kuzuza neza inshingano z'Ingabo z'u Rwanda.

Gen. Muganga yabibukije inama bahora bahabwa na Perezida wa Repubulika y'u Rwanda akaba n'Umugaba w'Ikirenga w'Ingabo z'u Rwanda (RDF), Nyakubahwa Paul Kagame, aho ahora ashimangira ko imyitozo ya gisirikare itegura abasirikare kwihanganira ibihe bikomeye no gusohoza inshingano zisaba imbaraga z'umubiri, gutekereza neza ndetse n'ubunyamwuga buhanitse.

Yakomeje ashimangira ko abasirikare bagomba guhora baharanira kugera ku musaruro bitezweho, bakoresheje neza umutungo muke baba bafite, bakuzuza inshingano zabo babikesha imyitwarire irangwa n'ikinyabupfura cya gisirikare, guhanga udushya no gukoresha neza ibikoresho n'ubushobozi bihari.

Umugaba Mukuru w'Ingabo z'u Rwanda yashimiye kandi ubuyobozi bw'Ikigo cy'Amahugurwa ya Gisirikare cya Gabiro (Combat Training Centre Gabiro), by'umwihariko abatoza, kubera ubwitange budasanzwe bagaragaza mu kongerera abahugurwa ubumenyi, ubunyamwuga n'ubushobozi bwo kuyobora.

Yavuze ko uwo muhate wabo ukomeje kuvamo abayobozi b'ingeri zitandukanye bafite ubushobozi, biteguye neza gukorera Ingabo z'u Rwanda (RDF) no gukorera Igihugu muri rusange.

# Airtel Rwanda yatangiye gufasha abadafite ubushobozi bwo kwigondera telefone zigezweho




**Airtel na Watu Rwanda basinye amasezerano yo guha Abanyarwanda telefone za Sumsung bakishyura mu byiciro**




**Uhereye ibumoso ni Umuyobozi wa Watu Rwanda Kinuma Emile, akurikiwe na Andirii Volohka uyiyobora muri Afurika y'Iburasirazuba n' Umuyobozi wa Airtel Sujay Chakrabarti**




**Umuyobozi ushinzwe kwamamaza muri Airtel, Magara John**

**KAMALIZA Agnes**

***Sosiyete y'Itumanaho, Airtel Rwanda ku bufatanye n'Ikigo Watu Connect Rwanda gitanga inguzanyo ku bashaka moto z'amashanyarazi na telefone zigezweho, boroherejе abakiliya kugura telefone nshya zigezweho (smart phones) aho bagiye kujya bayihabwa bakishyura mu byiciro bitewe n'ubwumvikane ndetse na telefone bifuza kugura.***

Nyuma y'amasezerano y'ubufatanye hagati ya Airtel Rwanda na Watu Rwanda yasinywe ku wa 09 Nyakanga 2026, impande zombi ziyemeje gukomeza koroherеza Abanyarwanda bashaka telefone zigezweho kudasigara inyuma mu iterambere ry'ibigezweho n'ikoranabuhanga batunga telefone za Samsung.

Ubuyobozi bwa Airtel buvuga iyi serivisi nyuma y'ubusabe bw'abakiliya.

Ati: "Abantu bakomeje kuza bavuga ngo tubashakire n'izindi telefone zigezweho nyuma yuko hari izo twabanje gutanga ariko nanone badusaba ko tuborohereza uburyo bwo kwishyura kandi iterambere tugezeho risaba ko buri wese

Si ubwa mbere Airtel Rwanda yafasha abakiliya gutunga telefone zigezweho kandi bahendukiwe, kuko binyuze mu buryo bwayo bwa 'Airtel Imagine Phone' yagurishije tefone zirenga miliyoni, zafashije Abanyarwanda kudasigara inyuma mu ikoranabuhanga.

ko nubwo butangiranye na telefone zo mu bwoko bwa Samsung ariko n'ibindi bizakorwa uko ibihe bizagenda byicuma.

Umuyobozi ushinzwe serivisi zo kwamamaza muri Airtel, Magara John asobanura ko umuntu ushaka iyo telefone asabwa kuba afite simukadi ya Airtel n'indangamuntu ubundi akajya ku ishami iryo ari ryo ryose ry'iyo sosiyete cyangwa irya Samsung 250, akishyura ay'ifatabuguzi bitewe n'ubwoko bwa telefone ashaka ubundi agahitamo ubundi buryo bumunogeye bwo kwishyura asigaye.

Magara asobanura ko nta Munyarwanda ukwiye gucikanwa mu gutunga ibigezweho kandi bazanye atunga telefone igezweho."

Avuga ko ari iby'agaciro kuba bakoranye na Watu Rwanda kuko hari amafaranga yashoyemo, igakora n'uburyo bwo kwishyura, (Application) mu gihe abishyura telefone buhoro buhoro bo basabwa gukoresha Airtel Money.

Umuyobozi Mukuru wa Watu Rwanda, Kinuma Emile ahamya ko ubwo bufatanye buzatuma nta n'umwe usigara inyuma mu ikoranabuhanga no kumenya ibigezweho ku Isi.

Ati: "Turi gufasha abakiliya kubona telefone dutanga inguzanyo kugira ngo babone Samsung hanyuma bakishyura mu myaka cyangwa amezi ariko ntibacikanwe n'ibigezweho."

Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

# Ijambo ry'Ibanze

## Kwizigamira si uguhunika amafaranga ni ugutegura ahazaza

Mu buzima bwa buri munsi, abantu benshi baharanira kubona amafaranga yo gukemura ibibazo by'uyu munsi, nyamara bake ni bo batekereza ku buryo ayo mafaranga yabafasha kubaka ejo hazaza. Muri iki gihe ubukungu bugenda buhinduka, kwizigamira no gushora imari ntabwo bikiri iby'abafite amafaranga menshi gusa, ahubwo ni umuco ukwiye kuranga buri wese.

Kimwe mu bisubizo biri gufasha Abanyarwanda kugera kuri iyo ntego ni Ikigega cy'ishoramari RNIT Iterambere Fund, cyashyizweho kugira ngo gifashe abantu ku giti cyabo, ibimina, amakoperative n'ibigo kwizigamira no kunguka binyuze mu micungire inoze y'ishoramari. Iki kigega cyatangiye mu 2016, cyakira buri wese ushaka gutangira kwizigamira n'amafaranga make, aho ushobora gutangirira ku mafaranga ibihumbi bibiri (2 000 Frw) gusa.

Kimwe mu byiza by'ingenzi bya RNIT Iterambere Fund ni uko gifasha abaturage gukoresha amafaranga yabo neza aho kuyarekera kuri konti adatanga umusaruro ugaragara. Amafaranga y'abizigamira ashorwa mu buryo bw'umwuga mu migabane no mu mpapuro z'agaciro, bityo nyirayo akungukira ku nyungu z'ishoramari rijyanye n'imikorere y'isoko ry'imari.

Ikindi gituma iki kigega gikomeza kugirirwa icyizere ni umutekano w'ishoramari n'ubwisanzure bwo kubikuza igihe bibaye ngombwa. Abashoramari kandi bahabwa amakuru ku gaciro k'umugabane (Net Asset Value) buri munsi, bigatuma imicungire yacyo irangwa n'umucyo n'ubunyamwuga.

Abahanga mu by'ubukungu bahora bagaragaza ko inyungu z'inyongera (compound interest) ari imwe mu ntwaro zikomeye zo kubaka umutungo. Muri RNIT Iterambere Fund, inyungu zibarwa buri munsi, bivuze ko igihe umuntu akomeje kwizigamira igihe kirekire, umutungo we ugenda wiyongera ku muvuduko uruta uw'uwizigamira adahoraho cyangwa ubika amafaranga adakora.

Mu gihe u Rwanda rukomeje gushishikariza abaturage kugira umuco wo kwizigamira no gushora imari, RNIT Iterambere Fund igaragaza ko kubaka ejo hazaza hatangirira ku cyemezo gifatwa uyu munsi. N'iyo umuntu yatangirana amafaranga make, kuyizigamira buri gihe bishobora kumubera intangiriro yo kugera ku nzozi ze z'igihe kirekire.

Buri wese akwiye kuzirikana ko kwizigamira atari uguhunika amafaranga gusa, ahubwo ari ugushora imbuto z'iterambere zizera umusaruro w'ejo hazaza.

**Ubwanditsi**

# Perezida Kagame yashimye imikorere y'Ikigo gikusanya amakuru y'ubuzima




**Perezida Paul Kagame yabwiye amahanga imikorere y'Ikigo cy'Igihugu gikusanya kikanasesengura amakuru y'ubuzima**

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Perezida wa Repubulika Paul Kagame yabwiye amahanga imikorere y'Ikigo cy'Igihugu gikusanya kikanasesengura amakuru y'ubuzima cyifashishije Ikoranabuhanga ry'Ubwenge Buhangano (National Health Intelligence Center/ NHIC) gikomeje gufasha u Rwanda gufata ibyemezo by'ubuzima biboneye.***

Mu Nama Mpuzamahanga yiga ku ikoreshwa ry'Ikoranabuhanga ry'Ubwenge Buhangano (AI) mu guharanira iterambere yateraniye i Geneva mu Busuwisi, Perezida Kagame yashimangiye ko u Rwanda rwungukira byinshi kuri iki kigo kuko amakuru gitanga agira uruhare mu gufata ibyemezo byihuse kandi bishingiye ku makuru yizewe.

Yagize ati: "Mu Rwanda twashyizeho Ikigo cy'ikoranabuhanga rigezweho mu buvuzi gikusanya amakuru y'ako kanya mu nzego zose zacu z'ubuvuzi, kigakoresha AI mu kuburira ibyorezo bishobora kwaduka. Ibyo bidufasha gufata ibyemezo bya Politiki birushijeho kuba byiza."

Iki kigo cyatangijwe ku mugaragaro na Minisiteri y'Ubuzima ku itariki ya 3 Mata 2025, ubwo u Rwanda rwakiraga Inama Mpuzamahanga yiga ku ikoreshwa rya AI muri Afurika.

NHIC yashyizweho hagamijwe gukoresha amakuru y'ubuzima akusanywa na AI mu nzego zose z'ubuzima ako kanya, kugira ngo u Rwanda rubashe gufata ibyemezo bishingiye ku bimenyetso (evidence-based decisions) mu rwego rw'ubuvuzi n'ubuzima rusange.

Iryo koranabuhanga ry'ubwenge buhangano rikusanya rikanasesengura amakuru aturuka mu Bajyanama b'Ubuzima, mu mavuriro y'ibanze, ibigo nderabuzima, Ibitaro by'Uturere, Ibitaro Bikuru ndetse no mu mavuriro yigenga.

Rikusanya kandi amakuru ajyanye n'ubuvuzi, imiti, abakora mu nzego z'ubuzima, uburyo bwo gutwara abarwayi, ibyorezo bishobora kwibasira Igihugu bigahuzwa n'ibarurishamibare ry'abaturage.

Aya makuru iyo amaze gukusanywa anasesengurwa mu gihe gito agakorwamo raporo ngufi kandi zisobanutse zifasha abayobozi gufata ibyemezo byihuse kandi bishingiye ku makuru nyayo.

**Afurika yiteguye kubyaza umusaruro AI**

Perezida Kagame yavuze ko Afurika itakomeza kwihanganira gukoresha ikoranabuhanga rikorerwa ahandi mu gihe yo ntacyo ikora, ari na yo mpamvu ibihugu byinshi byo kuri uyu mugabane birimo n'u Rwanda bikomeje guharura inzira zo kubyaza umusaruro AI mu buryo bwuzuye.

Yagaragaje ko Afurika yiteguye gutanga umusanzu wayo mu bukungu bwifashisha ikoranabuhanga, cyane ko kugeza mu 2050 uyu mugabane ari wo uzaba ufite imbaraga nyinshi zo gukora kurusha indi migabane ku Isi.

Yagaragaje kandi ko ibyo bitakiri amagambo gusa kuko hari inkuru nyinshi z'ibyiza urubyiruko rwa Afurika rurimo gukora ku mugabane rwifashishije ikoranabuhanga rigezweho.

Ati: "Dukwiye kubashoramo imari, bizazanira inyungu buri wese. Icy'ingenzi ni uko kugira ngo AI ikorere abantu bose tugomba kuyikoresha neza muri Afurika n'ahandi hose."

Aha ni ho yahereye agaragaza inzego eshatu zikwiye gushyirwamo kugira ngo iryo korana buhanga ritange umusaruro ukenewe, ari zo kwagura ibikorwa remezo bihagije, kongera ubumenyi mu guhanga ibishya, no kubazwa inshingano.

Perezida Kagame yakomeje agira ati: "Muri Afurika ntitukinyuzwe no kuba abakoresha ikoranabuhanga ry'abandi twe ntacyo dukora, natwe turashaka kubaka, no gukwiza ikoranabuhanga rigezweho ku rwego ruhanitse. Intego zacu ziragaragara kandi tuzakomeza gukorera hamwe kugira ngo ibyo byose tubigereho."

Yagaragaje ko kugeza ubu Afurika yatangiye kubona umusaruro wo gukoresha ikoranabuhanga ndetse yiteguye kurushaho kurikoresha ku rwego ruhanitse kuko rifite imbaraga zo guhindura ubuzima no kongerera imbaraga ubukungu bw'ibihugu.

Yashimiye Umunyamabanga Mukuru w'Ikigo Mpuzamahanga cy'Itumanaho (ITU), Doreen Bogdan-Martin ukomeje kugaragaza impinduka mu miyoborere iganisha Isi ku kubyaza umusaruro ufatika Ikoranabuhanga ry'Ubwenge Buhangano.

Yavuze ko nubwo intambara za Politiki zahinduye ikoranabuhanga amarushanwa yo gukora ibibi, hakiri icyizere ko AI izarushaho kugira uruhare mu kwihutisha iterambere no kuba umusemburo wo gukora ibyiza.

# U Rwanda rugiye kwakira peteroli rwitumirije muri Kenya na Tanzania




Igihugu kizihaza ku bikomoka kuri peteroli kinagurire n'andi masoko yo mu karere ruherereyemo

IMVAHO NSHYA

***Icyiciro cya mbere cy'ibikomoka kuri peteroli u Rwanda rwatumije binyuze mu masezerano rwagiranye n'ibihugu bya Kenya na Tanzania, kizagera mu Rwanda mu kwezi gutaha kwa Kanama 2026.***

Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda Kajangwe Antoine Marie, yavuze ko muri iyi mikorere mishya yo kwigerera ku isoko hitezwe ko Igihugu kizihaza ku bikomoka kuri peteroli ndetse gisagurire n'andi masoko yo mu karere ruherereyemo.

Ibi minisitiri Kajangwe yabigarutseho mu kiganiro yagiranye n'Ikigo cy'Igihugu cy'Itangazamakuru (RBA) aho yavuze ko amasezerano u Rwanda rwasinyanye na Kenya na Tanzania mu minsi ishize azorohereza abacuruzi b'ibikomoka kuri peteroli kubibona bitanyuze hirya no hino.

Yagize ati: "Ikigiye guhinduka ni uko aho kugira ngo bagurire kuri izo sosiyete zo mu bindi bihugu bazajya bagurira kuri sosiyete Nyarwanda noneho na yo yagiye ku isoko mpuzamahanga."

Akomeza avuga ko kandi imikorere mishya yo gutumiza ibikomoka kuri peteroli mu bihugu biyicukura bikanayicuruza itunganyije bizatuma ibiciro byabyo bidahindagurika bitume n'u Rwanda rusagurira n'isoko ryo mu karere k'ibiyaga bigari.

Ati: "Icyifuzo ni uko tuzaba dufite ibikomoka kuri peteroli bihagije bishobora guhaza isoko nyarwanda bigahaza n'isoko ryo mu karere."

Minisitiri Kajangwe yavuze ko mu gutangira bahereye kuri lisansi na mazutu, ariko ko bazongeraho n'amavuta akoreshwa n'indege ndetse na gazi ikoreshwa mu guteka.

Tariki 29 Kamena 2026 ni bwo intumwa z'u Rwanda na Kenya zashyize umukono ku masezerano yorohereza u Rwanda gutumiza no kubika ibikomoka kuri peteroli, hakurikiyeho andi u Rwanda rwasinyanye na Tanzania tariki 3 Nyakanga 2026 yose agamije ubufatanye mu korohereza abacuruzi ndetse n'abakoresha ibikomoka kuri peteroli.

Bamwe mu bacuruzi n'abakenera ibikomoka kuri peteroli bavuga ko biteze byinshi byiza bizaturuka ku mikorere mishya.

Umwe mu bayikenera witwa Nkusi Asiel yagize ati: "Twari tumerewe nabi cyane ariko mu by'ukuri turashima cyane Leta y'u Rwanda kuko ihora itekereza Abanyarwanda neza, kuba bagiye kwigerera ku isoko bakaba bagiye kwirangurira. Ndumva bizadufasha cyane mu buryo bwo kumanura ibiciro ku bicuruzwa bya peteroli."

Umucuruzi witwa Ngabonziza Tharcisse na we yagize ati: " Bizadufasha cyane mu buryo bwokumanura ibiciro ku biciruzwa bya peteroli, mu ntangiriro z'uyu mwaka twahuye n'ibibazo bikomeye cyane muri iki gice, kubera intambara iri mu barabu, bituma ibiciro bizamuka cyane.

Leta y'u Rwanda yaradufashije cyane haba mu gushora amafaranga menshi muri iki gice kugira ngo ibiciro bye kuzamuka, haba no gushyiraho abakozi ku cyambu cya Dar es Salam ndetse n'ahandi henshi mu buryo bwo kugira ngo ibikomoka kuri peteroli ntibizabe bikeya muri iki gihugu cyacu.

Mu mwaka wa 2024, peteroli ni yo yabaye igicuruzwa cya mbere cyatumijwe mu mahanga, ifite agaciro ka miliyoni 680 z'Amadolari ya Amerika, bingana na hafi 10% by'ibicuruzwa byose u Rwanda rwatumije hanze.

Mu rwego rwo kurushaho kwihaza no kwirinda ibura rya peteroli, u Rwanda rwagejeje ubushobozi bwo kubika ibikomoka kuri peteroli kuri litiro miliyoni 118 ndetse rukomeje kwagura ububiko no guteza imbere ikoreshwa ry'izindi ngufu zisukuye zirimo gaz yo gutekesha (LPG) n'ikoreshwa ibinyabiziga bikoresha amashanyarazi.

# 76% by'Abanyarwanda bizeye ko ubukungu bwabo buzazamuka mu mezi 12

KAMALIZA Agnes

***Ubushakashatsi bw'Ikigo gishinzwe gukusanya amakuru y'imyenda ku bigo by'imari (TransUnion Rwanda) bwagaragaje ko Abanyarwanda 76% bizera ko ubukungu bwabo buzazamuka mu mezi 12 ari imbere mu gihe 16% bumva nta kizahinduka.***

Ubu bushakashatsi bwashyizwe hanze ku wa 09 Nyakanga 2026, buzwi nka 'Consumer Pulse Survey Q1' bwakorewe ku barenga 250, bukaba bukorwa buri gihembwe bugamije kureba uko abakiriya batekereza iby'ubukungu n'ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu kugera kuri serivise z'imari.

Bushimangira ko nubwo abagera kuri 76% ubukungu bwabo buzazamuka, ariko bugaragaza ko ingo zigera kuri 50% ziteganya ko zitazashobora kwishyura inyemezabwishyu cyangwa inguzanyo mu buryo bwuzuye.

Ingo zingana na 38% amafaranga zinjije ntiyiyongereye ugereranyije n'ayo zinjizaga umwaka ushize, mu gihe izigera kuri 34% zagabanyije amafaranga zatakazaga mu bitari ngombwa ahubwo ziyakoresha zishyura iby'ibanze nk'amazi, umuriro, inguzanyo, ibyo kurya n'ibindi.

Umuyobozi Mukuru wa TransUnion Rwanda, Mutabazi Didier avuga ko kuba Abanyarwanda bizera ko ubukungu buzakomeza kuzamuka bishin-



Hari icyizere ko Abanyarwanda 76% ubukungu bwabo buzazamuka mu mezi 12 ari imbere

KOMEZA KU RUP.9

## 76% by'Abanya rwanda bizeye ko ubukungu bwabo buzazamuka mu mezi 12

IBIKURIKIRA URUP.8

gira no ku kuba ubukungu bw'Igihugu na bwo buzazamuka aho biteganyijwe ko buzazamukaho 7,2% muri 2027, buvuye kuri 6,8% buri ubu mu 2026.

Yagize ati:"Abanyarwanda bizera ko ubukungu buzakomeza kuzamuka kandi turashaka kureba icyo abakiriya batekereza kugira ngo bakomeze kwitabira servisi z'imari, bityo buzamuke kurushaho."

Ubu bushakashatsi kandi bugaragaza ko Abanyarwanda 98% babona ko guhabwa inguzanyo ari ngombwa ariko 42% ari bo bafite icyizere cyo kugurizwa byoroshye.

Mutabazi agaruka ku mbogamizi zikiri mu kubona inguzanyo yavuze ko biterwa n'inyungu kuri zo ziba ziri hejuru, no kuba abaturage bafite amikoro adahagije, ariko ashimangira hari imikoranire mishya n'ibigo by'imari hagamijwe ko umuturage yoroherezwa.

Ati: "Hari imbaraga zikwiye gushyirwamo mu kuba serivise z'imari zagera ku baturage kandi twifuza gukorana n'ibigo by'imari kugira ngo impinduka nziza no kwiyongera kw'imibare kw'abakoresha serivisi z'imari bikomeze."

Mu bwoko bw'inguzanyo zizasabwa cyane mu mezi 12 ari imbere TransUnion igaragaza ko iz'abantu ku giti cyabo zizakwa ari 47% mu gihe iz'abanyeshuri ari 28%.

Ubushakashatsi bugaragaza ko ubujura n'ubutekamutwe bukorerwa ku ikoranabuhanga na bwo bwibasiye Abanyarwanda aho 62% batekewe umutwe mu mezi atatu ashize ndetse 9% muri bo bakibwa.

Abangana na 55% bahinduye ijambo banga rya konti zabo (Password) kubera ubutekamutwe mu gihe abarenga 64% barihinduye mu minsi 60 ishize birinda ubwo butekamutwe.

# Ubukungu bw'u Rwanda bukomeje kwihagararaho, bwazamutseho 10%

NYIRANEZA Judith

***Muri iki gihe Isi muri rusange ihanganye n'ibibazo by'amakimbirane mpuzamahanga biteza izamuka ry'ibiciro, bigahurirana n'ibyorezo n'imihindagurikire y'ibihe, ubukungu bw'u Rwanda bukomeje guhangana n'ingaruka z'ibibazo bitandukanye, aho bwazamutseho 10% mu gihembwe cya mbere cya 2026 mu gihe bwari bwazamutseho 9,4% mu mwaka wa 2025.***

Byagarutsweho ku wa 9 Nyakanga 2026 na Minisitiri w'Intebe, Dr Nsengiyumva Justin ubwo yagezaga ku Nteko Ishinga Amategeko Imitwe yombi ibikorwa bya Guverinoma bijyanye no kongera ubushobozi bw'Igihugu mu kubungabunga ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage.

Yagarutse ku byatumye ubukungu budahungabana harimo kuba mu gihembwe cya mbere cya 2026 serivisi bwarazamutse ku kigero cya 7%, inganda zizamuka kuri 13%, ubuhinzi n'ubworozi buzamuka ku kigero cya 8%.

Ni mu gihe ibyashoboraga gutuma ubukungu buhungabana harimo ingaruka ziterwa n'amakimbirane mpuzamahanga, ihinduka ry'ibihe, ibyorezo n'izamuka rikabije ry'ibiciro ku isoko mpuzamahanga.

Ibyo byagize ingaruka ahanini ku izamuka rikabije ry'ibiciro by'ifumbire, ibiribwa n'ibindi bicuruzwa bitumizwa mu mahanga birimo ibyifashishwa n'inganda imbere mu Gihugu ndetse n'ibikoreshwa mu bwubatsi.

Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva yavuze kandi ko kuzamuka k'ubukungu kwagize uruhare mu guhanga imirimo irenga 240 000, uhereye mu gihembwe cya mbere cya 2025, mu gihe intego Guverinoma yihaye muri Gahunda ya Kabiri yo Kwihutisha Iterambere (NST2) ari uguhanga imirimo 250 000 ku mwaka.

Yakomeje asobanura kandi ko iri zamuka ryagize uruhare mu kongera umusaruro w'imbere mu Gihugu no kongera ingano y'ibyoherezwa mu mahanga kimwe no kuba kuva mu 2024 kugeza muri Kamena 2026 haranditswe imishinga y'ishoramari ry'abikorera ifite agaciro kagera kuri miliyari hafi 8 z'Amadolari ya Amerika, biteganyijwe ko iri shoramari ryagombaga guhanga imirimo igera ku 118 000

Ku bijyanye n'ubucuruzi mpuzamahanga, mu gihembwe cya mbere cya 2026, icyuho cy'ubucuruzi n'amahanga cyagabanyutseho 13,8%. Cyageze kuri miliyoni 633 z'Amadolari ya Amerika, kivuye kuri miliyoni 734 z'Amadolari ya Amerika mu gihembwe cya mbere cya 2025, bitewe n'uko ibyoherezwa mu mahanga byiyongereyeho 42%, mu gihe ibitumizwa mu mahanga byiyongereyeho 11,7%.

Dr. Nsengiyumva yavuze kandi ko iryo gabanyuka ry'icyuho cy'ubucuruzi mu gihembwe cya mbere cya 2026, hamwe n'amavugurura ku isoko ry'ivunjisha imbere mu Gihugu, byagize uruhare mu kubungabunga agaciro k'ifaranga ry'u Rwanda.

Mu gihe cy'amezi 18 ashize, ifaranga ry'u Rwanda ryataye agaciro ku gipimo gito kitageze kuri 1% mu mezi atandatu ashize, byerekana ko politiki zo guteza imbere ibyoherezwa mu mahanga no kwihutisha iterambere ry'inganda zikomeje gutanga umusaruro.

Ku bibazo byibasiye ubukungu n'imibereho myiza y'Abanyarwanda birimo ingaruka ziterwa n'amakimbirane mpuzamahanga, ihinduka ry'ibihe, ibyorezo n'izamuka ry'ibiciro ku isoko mpuzamahanga, izamuka ry'ibiciro by'ifumbire, ibiribwa n'ibindi bicuruzwa bitumizwa mu mahanga nk'ibyifashishwa n'inganda, ibikoresho by'ubwubatsi, Guverinoma yafashe ingamba zo guhangana na byo.

Zimwe muri izo ngamba zashyizweho harimo kwibanda ku kuzamura urwego rw'ubuhinzi n'ubworozi hongerwa ubuso bwuhirwa, aho kugeza ubu ubutaka bwuhirwa bugeze kuri hegitari zirenga ibihumbi 76, kandi muri uyu mwaka buzongerwa bugere kuri hegitari zirenga ibihumbi 82. Hari imishinga izakomeza kugira uruhare mu kuzamura umusaruro. Intego ni uko hazakomeza kongerwa ubuso bwuhirwa bukazagera kuri hegitari zisaga ibihumbi 132 mu mwaka wa 2029.

Ku kijyanye n'izamuka ry'ibiciro by'ifumbire, Guverinoma yiyemeje gufasha umuhinzi kwishyura 50% y'igiciro cyazamutse, yiyongera kuri nkunganire yari isanzwe itangwa ku ifumbire, bikazatuma nkunganire ku ifumbire igera kuri miliyari zisaga 64 z'Amafaranga y'u Rwanda mu mwaka wa 2026/2027 ivuye kuri miliyari zisaga gato 39 mu mwaka w'ingengo y'Imari wa 2025/2026, bivuze ko nkunganire iziyongeraho miliyari zisaga 25 bingana na 64%.

Ku rundi ruhande, Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva yavuze ko ingano y'amazi iziyongera hakomeza kongerwa ubushobozi inganda ziyatunganya kimwe mo gusana imiyoboro ishaje kandi ingufu z'amashanyarazi na zo zizongerwa hubakwa ingomero nshya.



Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva Justin yagaragaje ishusho y'ubukungu bw'u Rwanda

# Perezida Kagame mu bayoboye Komisiyo Mpuzamahanga yihutisha AI

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Perezida wa Repubulika, Paul Kagame ari mu bayobozi ba Komisiyo Mpuzamahanga ishinzwe guteza imbere ikoreshwa ry'ikoranabuhanga ry'ubwenge buhangano (AI) itangirizwa ku mugaragaro mu Nama Mpuzamahanga yiga ku ikoreshwa rya AI mu iterambere, iteraniye i Geneva mu Busuwisi.***

Iyo nama mpuzamahanga y'iminsi ine yitabiriwe na Minisitiri w'Ikoranabuhanga na Inovasiyo Ingabire Musoni Paula, ari kumwe na Ambasaderi w'u Rwanda i Geneva mu Busuwisi Urujeni Bakuramutsa, ikaba yahereye ku wa Kabiri tariki ya inzira zifatika zigamije kongerera imbaraga icyizere rubanda ifitiye AI, kongera inzego ikoreshwamo ndetse no kwagura amahirwe n'ibisubizo itanga mu gukemura ibibazo Isi ihanganye na byo ku muvuduko w'Ikoranabuhanga ukenewe.

Perezida Kagame avuga ko ikoranabuhanga rikwiye guhora ari imbaraga zo gukora ibyiza, ndetse asaba ubutwererane mpuzamahanga mu kugabanya ubusumbane no guharanira ko abaturage benshi barushaho kugerwaho n'udushya tuyobowe na AI.

Ati: "Ikintu kimwe cyo ni ukuri: ikoranabuhanga rikwiye kuba imbaraga y'icyiza, kandi dufite ranira ko abasaga miliyari 2,2 bataragerwaho na interineti bayibona, by'umwihariko mu bihugu bikiri mu nzira y'amajyambere byiganjemo ibya Afurika, nk'imwe mu ntambwe zo kuziba icyuho mu ikoreshwa ry'ikoranabuhanga.

Mu guhuriza hamwe abayobozi batanga umusanzu ukomeye mu kubaka ikoranabuhanga, kuribyaza umusaruro, gushyiraho Politiki irigenga ndetse no gufasha rubanda kuribyaza umusaruro, iyo Komisiyo izafasha gutegura ibisubizo bya AI mu nzego zitandukanye no kwagura imipaka bikajyana no guharanira ko ritanga umusaruro ukenewe mu bihugu bikiri mu nzira y'Amajyambere.



**Perezida Paul Kagame ni umwe mu bayoboye Komisiyo Mpuzamahanga ishinzwe guteza imbere ikoreshwa rya AI**

7 isoza ku itariki 10 Nyakanga 2026.

Biteganyijwe ko Komisiyo Perezida Kagame ayoboranye na Marc Benioff ukuriye Ikigo Salesforce, bakaba bungirijwe n'Umunyamabanga Mukuru w'Ikigo Mpuzamahanga cya cy'Itumanaho (ITU) Doreen Bogdan-Martin, ifungurwa ku mugaragaro ku wa Gatatu tariki ya 8 Nyakanga 2026.

Ni Komisiyo ihuriwemo n'abayobozi 40 barimo Abakuru b'Ibihugu, abayobozi bakuru b'ibigo n'inganda, abayobozi b'Amashami ya Loni, n'abandi bayobozi bo ku rwego rwo hejuru biyemeje gushyiraho inshingano zo kurikoresha mu byiza gusa. Reka turusheho gukorana mu kugabanya ubusumbane no gukomeza gufasha abaturage kubona inyungu AI ishobora kutugezaho twese."

Benioff bafatanyije kuyobora iyi Komisiyo Mpuzamahanga, yavuze ko AI yagaragaje amahirwe menshi y'iterambere ry'ubukungu anashimangira ko icyizere cy'abaturage kuri iri koranabuhanga kizahora ari ingenzi kugira ngo amahirwe ritanga abyazwe umusaruro mu buryo bwuzuye.

Iyi Komisiyo ishyize imbere guharanira... Inama iteraniye i Geneva, yahurije hamwe abayobozi mu nzego zirimo n'iza Politiki ndetse n'abahanga udushya tw'ikoranabuhanga baganira ku ngamba zikenewe mu guteza imbere ikoranabuhanga n'ubwenge buhangano by'umwihariko.

Abayobozi b'u Rwanda banahagarariye igihugu cyabo mu nama ebyiri zabanje ari zo Inama Mpuzamahanga yiga ku ikoreshwa rya AI mu miyoborere, n'Inama Mpuzamahanga yiga ku isankazamakuru (WSIS Forum 2026). Izo nama zateguwe na ITU ifatanyije n'Umuryango w'Abibumbye ndetse n'abafatanyabikorwa batandukanye.

# U Rwanda na Isiraheli byasinyanye amasezerano y'ubufatanye mu iterambere

**ZIGAMA Theoneste**

***Guverinoma y'u Rwanda n'iya Isiraheli byasinyanye amasezerano y'ubufatanye mu iterambere binyuze mu nzego zitandukanye zirimo guteza imbere uburezi bw'ibanze, isakazabumenyi n'ikoranabuhanga, uburezi bw'amashuri makuru n'ubushakashatsi bushingiye kuri siyansi.***

Ni amasezerano yashyiriweho umukono i Yerusalemu mu Murwa Mukuru wa Isiraheli ku wa 6 Nyakanga 2026, aho u Rwanda rwari ruhagarariwe na Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, Ambasaderi Olivier Jean Patrick Nduhungirehe, na mugenzi we wa Isiraheli, Gideon Moshe Sa'ar.

Amasezerano ya mbere ni ajyanye n'ubufatanye mu burezi, ikubiyemo uburezi bw'ibanze, ikoranabuhanga mu itumanaho (ICT), amashuri y'imyuga n'ubumenyingiro (TVET), amashuri makuru na za kaminuza, ndetse n'ubushakashatsi mu bya siyansi.

Amasezerano ya kabiri ni ajyanye n'bufatanye mu iteramubere hagati ya MASHAV, Ikigo cya Israel gishinzwe ubufatanye mpuzamahanga mu iterambere, n'Ikigo cy'u Rwanda gishinzwe Ubutwererane Mpuzamahanga (RCI), agamije gushimangira ubufatanye mu bikorwa by'iterambere no kubaka ubushobozi hagati y'impande zombi. Minisiteri w'Ububanyi n'Amahanga wa Isiraheli Gideon Moshe Sa'ar, yavuze ko u Rwanda na Isiraheli byanaganiriye ku mutekano w'Akarere bihereyemo.

Yagize ati: "Twaganiriye kandi ku bibazo by'umutekano wa Isiraheli, ndetse n'amasezerano y'amahoro hagati y'u Rwanda na Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) yafashijwe kugerwaho na Leta Zunze Ubumwe za Amerika, tunagaragaza akamaro ko kuyashyira mu bikorwa mu buryo bwuzuye."

Yakomeje ivuga ko u Rwanda na Isiraheli byombi bifite amateka akomeye yuzuyemo ibihe bibabaje kuko byabayemo Jenoside yaba iyakorewe Abayahudi muri Isiraheli n'iyakorewe Abatutsi mu Rwanda mu 1994, ariko nanone byagaragaje ubudatsimburwa n'ubushake budacogora bwo kubaka ejo hazaza heza h'abaturage babyo.

Umubano hagati y'u Rwanda na Isiraheli watangiye mu 1962 nyuma y'aho u Rwanda ruboneye ubwigenge, nubwo wahagaze mu 1973 kubera impinduka za politiki zabaye nyuma y'Intambara ya Yom Kippur yahanganishije ibihugu by'Abarabu na Isiraheli, ibihugu by'Afurika hafi ya byose bigacana umubano n'icyo gihugu.

Ni umubano wongeye gusubukurwa mu 1995 nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi. Kuva icyo gihe, ibihugu byombi byakomeje kuwagura binyuze mu ngendo z'abayobozi bakuru, gufungura ambasade zihoraho ndetse n'amasezerano y'ubufatanye mu nzego zirimo ubuhinzi, ikoranabuhanga, uburezi, ubuzima, umutekano n'ishoramari.

Mu myaka ishize, inzinduko z'abakuru b'ibihugu byombi zashimangiye umubano w'ibuhugu byombi, zirimo urwa Minisitiri w'Intebe wa Isiraheli Benjamin Netanyahu yagiriye mu Rwanda mu 2016, n'urwa Perezida Paul Kagame yagiriye muri Isiraheli mu 2017.

Ni ingendo zakurikiwe no gufungura Ambasade ya Isiraheli i Kigali mu 2019, ibintu byarushijeho gushimangira ubufatanye bw'ibihugu byombi bushingiye ku nyungu zihuriweho mu iterambere no guhanga ibishya.




**U Rwanda na Isiraheli ni ibihugu bibanye neza**

# Abantu 44 bamaze kwicwa n'inzoga zitujuje ubuziranenge



Inzoga z'inkorano zangiza ubuzima bw'abazinywa

NIYIRORA Theogene

***Minisiteri y'Ubuzima (MINISANTE) yatangaje ko abantu 44 bamaze kwitaba Imana mu mezi atandatu ashize bazize kunywa inzoga zitujuje ubuziranenge, inasaba Abanyarwanda kwirinda ibinyobwa bikorerwa mu buryo bunyuranyije n'amategeko no gutanga amakuru ku babikora, mu rwego rwo gukumira ko hakomeza gutakara ubuzima bw'abaturage.***

Minisitiri w'Ubuzima, Dr. Nsanzimana Sabin, mu kiganiro na RBA, yavuze ko inzoga zitujuje ubuziranenge zishobora kuba zirimo ibinyabutabire bihumanya ubuzima birimo metanolo n'ibindi bintu bishobora gutera uburozi bukabije, guhuma, kwangirika kw'ingingo z'umubiri ndetse bikaba binateza urupfu.

Yagize ati: "Habamo ibyo tubona ari nk'uburozi aho bavanga ibintu bibi cyane, amatafari bagashyiramo ibyo bita tineli, metanolo imeze nk'umuti twakarabaga 'hand sanitizer', bakabivanga bikagenda bikica amaso, ubwonko n'ibindi bice bitandukanye by'umubiri."

Yakomeje agira ati: "Ni icyorezo mu bindi kuko hari inkuru tumaze kubona yiyongera ku zindi nyinshi twabonye, kuva mu kwezi kwa mbere kugeza muri uku kwa Gatandatu dusoje, mu ntangiriro z'uku kwa karindwi tumaze gupfusha abantu hafi 44.

Abo bose bishwe n'inzoga z'inkorano, benshi bagiye ari bazima baranywa hanyuma bukeye bajya kwa muganga bameze nabi, bahasiga ubuzima abandi barahuma, abandi bararwaye, abandi na bo ziragenda zibica buhoro buhoro."

Yakomeje avuga ko zanahawe amazina yumvikanisha ko zica harimo izo bita icyuma, yewe muntu, dunda ubwonko, n'andi mazina menshi cyane atandukanye zigenda zihabwa mu turere dutandukanye hirya no hino mu gihugu. Ndetse ko zinagira ingaruka zikomeye ku muryango no ku gihugu muri rusange.

Minisitiri Dr. Nsanzimana yasabye inzego zose guhagurukira iki kibazo kuko gihangayikishije Igihugu cyose, yanasabye abaturage gukomeza gufatanya n'inzego z'ubuyobozi batanga amakuru ku bakora cyangwa bacuruza ibi binyobwa bitemewe, anashishikariza umuntu wese ugaragaje ibimenyetso byo kuzahazwa nabyo kwihutira kujya kwa muganga kugira ngo ahabwe ubuvuzi bwihuse.

Ubushakashatsi bushya ku Mibereho n'Ubuzima mu Rwanda (DHS 2025), bwashyizwe ahagaragara n'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare (NISR), bugaragaza ko kunywa inzoga bikomeje kwiyongera mu gihugu. Bwerekana ko 50% by'abagabo bafite hagati y'imyaka 15 na 49, bangana n'umugabo umwe muri babiri, banywa inzoga, mu gihe 20% by'abagore, bangana n'umugore umwe muri batanu, na bo bavuga ko banywa inzoga.

# Hakenewe ibindi bitanda 3 000 mu mavuriro – Dr. Nsanzimana



Minisitiri w'Ubuzima Dr. Nsanzimana yabwiye abagize Inteko Ishinga Amategeko ko hakenewe ibitanda nibura 3 000 mu gihugu

NYIRANEZA Judith

***Minisitiri w'Ubuzima (MINISANTE) Dr. Nsanzimana Sabin yavuze ko hakenewe ibitanda 3 000 mu gihugu hose hagamijwe kugabanya ubucucike mu bitaro kandi ko birimo gukorwa vuba, bikazaba byiyongera ku bisaga 9 000 byari bisanzwe.***

Yabigarutseho ubwo yari abajijwe na Depite Mujawabega Yvonne ikibazo cyagarukaga ku gikorwa ngo hagabanywe ubucucike kwa muganga, ubwo Minisitiri w'Intebe, Dr Nsengiyumva Justin yagezaga ku Nteko Ishinga Amategeko Imitwe yombi ibikorwa bya Guverinoma bijyanye no kongera ubushobozi bw'Igihugu mu kubungabunga ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage ku ya 9 Nyakanga 2026.

Dr Nsanzimana yagize ati: "Icyo kibazo tugihuza n'ababyivurizamo kandi umubare w'ababyivurizamo ugenda uba mwinshi byo bitaguka kuri uwo muvuduko. Mu gihugu hose twarabisuzumye, dusanga dufite ibitanda 9 000 birengaho gato, ha handi umurwayi ahamara igihe gito, hakaba nabahatinda. Twasanze rero tugomba kubona ibitanda 3000 kugira ngo duhaze ubukenerwe bwabyo." Yagaragaje imwe mu mibare y'ibitanda bizongerwa ku bityaro bimwe na bimwe.

Ati: "Muri CHUK haziyongeraho ibitanda 400 aho twimukira, Ibitaro bya Roi Faisal naho ni ukwiyongeraho ibitanda 400, n'ibitaro bya Kibagabaga birimo kwagurwa, byo duteganya ko bizuzura mu mezi atari aya kure, ibitaro bya Bugesera bya Nyamata by'ababyeyi n'abana na byo biraza kongera ibitanda, ariko ya 3000 ni mu gihugu hose hafi ya Kigali ni ho usanga ubucucike ari bwinshi."

Minisitiri Dr Nsabimana yasobanuye zimwe mu mpamvu zituma kwa muganga hagaragara ubucucike harimo abarwaza, abasura abarwayi rimwe na rimwe baba atari ngombwa.

Ati: "Kuri CHUK baha abarwaza barenga nk'igihumbi baba bagendagenda, ugasanga umuntu afite abantu bamurwaza benshi, abaje kumugemurira, kumusura, kureba uko ameze hakabamo nabo ubona ko bitari ngombwa."

Yanavuze kandi ko gahunda yo gutekera abarwayi yazagera no mu bindi bitaro, na byo bikaba byafasha kugabanya ubucucike mu mavuriro.

Ati: "Ikibazo cyo guteka cyarakemutse ariko dushaka no kubikemura mu bitaro byose, ibyo na byo byongera ubucucke mu bitaro, hari ababa bitari ngombwa ko baba mu bitaro, iyo hashyizweho uburyo bwo kubatekera, hagashyirwa ibyo gutunganya imyambaro, bakambara ibyo mu bitaro, ibitari ngombwa bigahabwa umurongo."

# U Rwanda rwagaragaje amahirwe ari mu kongerera agaciro ikawa n'icyayi bya Afurika

**ZIGAMA Theoneste**

***Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi, Dr Ndabamenye Telesphore, yavuze ko Afurika ikwiye kongerera agaciro ikawa n'icyayi biyihingwamo aho gukomeza kohereza mu mahanga umusaruro utaratunganywa, kuko ari bwo buryo buzongera inyungu z'abahinzi, amahirwe y'akazi n'iterambere ry'ubukungu bw'ibihugu.***

Yabigarutseho ku wa Kane tariki ya 9 Nyakanga 2026, ubwo yatangizaga Imurikabikorwa Nyafurika ry'iminsi itatu ry'abakora ubucuruzi bw'icyayi n'ikawa (Africa Coffee & Tea Expo 2026).

Ni imurikabikorwa ririmo kubera i Kigali muri Kigali Convention Center, ryateguwe n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Iyoherezwa mu Mahanga ry'Ibikomoka ku buhinzi n'Ubworozi (NAEB) n'abafatanyabikorwa bacyo, aho ryitabiriwe n'abakora ubucuruzi bw'ikawa n'icyayi, abari mu nzego zifata ibyemezo, abahinzi babyo, abashakashatsi n'abandi bose hamwe bagera kuri 600 bakaba bakomoka mu bihugu bya Afurika no hanze yayo bigera kuri 32.

Minisitiri Dr Ndabamenye yavuze ko ikawa n'icyayi ari umurage wa Afurika kandi bikaba isoko y'ubuzima bw'ababarirwa muri miliyoni b'abahinzi, cyane cyane abagore n'urubyiruko.




**Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi Dr Ndabamenye Telesphore yashimangiye ko icyayi n'ikawa bikwiye kwitabwaho kugira ngo biteze imbere Afurika**

Yagize ati: "Ikawa n'icyayi si ibicuruzwa bisanzwe. Ni umurage wacu. Ni na bwo buzima bwa miliyoni z'abaturage. Hirya no hino muri Afurika, miliyoni nyinshi z'abahinzi bato, barimo abagore benshi n'urubyiruko, babyuka kare buri munsi bakita kuri ibi bihingwa."

Yagaragaje ko mu 2025 u Rwanda rwohereje mu mahanga toni ibihumbi 39,5 z'icyayi zinjije Miliyoni 117 z'Amadolari ya Amerika (asaga miliyari 171,4 Frw), ndetse na toni ibihumbi 22 z'ikawa zinjije Miliyoni 139 z'Amadolari ya Amerika (asaga miliyari 203,6 Frw).

Yibukije ko Afurika ko ari yo nkomoko y'ikawa ku Isi, ashimangira ko igihe kigeze cyo kongerera agaciro umusaruro ufite umwimerere kandi ko Isoko Rusange rya Afurika (AfCFTA) ritanga amahirwe yo kongera ubucuruzi hagati y'ibihugu bya Afurika no kubaka uruhererekane rw'inyongeragaciro rugirira akamaro umugabane.

Dr Ndabamenye yanashimangiye ko hakenewe guteza imbere ubuhinzi buhangana n'imihindagurikire y'ibihe, kongera ubuziranenge bw'umusaruro, koroherereza abahinzi n'abatunganya umusaruro kubona ishoramari no koroherereza urubyiruko muri uru rwego.

Yavuze ko Africa Coffee & Tea Expo yitwezweho guhuza abahinzi, abaguzi, abashoramari n'abafatanyabikorwa, ikaba urubuga rwo guteza imbere ubucuruzi, kungurana ubumenyi no gufasha ikawa n'icyayi bya Afurika kugera ku masoko mpuzamahanga bifite agaciro karushijeho.

Bamwe mu bitabiriye iryo murikabikorwa bagaragaje ko biteguye kuryungukiramo byinshi kuko ari umwanya mwiza wo kugaragaza ibyo bakora.

Mukesharugo Claudine, uri muri Koperetive y'abahinzi b'icyayi cy'umwimerere, imwe mu zikorera mu Karere ka Rulindo yavuze ko iryo murikagurisha baryitezeho umusaruro ufatika.

Yagize ati: "Iyi expo twayijemo nk'abagore icyo tuyitezeho ni ukwerekana icyayi cyacu cy'umwimerere kikamenyekana, aho abantu baturutse impande n'impande ku Isi, bakamenya uko tugitegura".

Rubagumya God umwe mu batunganya ikawa bakanayicuruza mu mahanga yavuze ko kwitabira iryo murikabikorwa, bifasha kumenya ibishya bigezweho kandi bakamenya n'abacuruzi bo birya no hino ku Isi bakigiranaho ndetse no kumenya ibicuruzwa bishya bigezweho.

Yagize ati: "Bituma twagura amasoko, aho tumenya imirongo mgiari y'isoko mpuzamahanga riba rigamije."

Ikawa n'Icyayi, ni ibihingwa bigira uruhare rukomeye mu kwinjiza amadovize mu Gihugu, guhanga imirimo ndetse no guteza imbere imibereho myiza n'ubukungu.

Mu myaka itanu ishize ( kuva muri 2020/2021 kugera 2024/2025), Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere iyoherezwa mu mahanga ry'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi (NAEB), kigaragaza ko ikawa yinjirije u Rwanda asaga Miliyoni 527 z'Amadolari ya Amerika (asaga miliyari 772,6 Frw); na ho icyayi kirwinjiriza Miliyoni 533 z'Amadolari ya Amerika (asaga miliyari 781 z'amafaranga y'u Rwanda).

U Rwanda rufite intego ko muri 2029 (ni ukuvuga mu mpera za Gahunda ya Kabiri yo kwihutisha ubukungu (NST2), ikawa izaba yinjiriza Igihugu Miliyoni zisaga 115 z'amadorali ya Amerika ku mwaka, mu gihe icyayi kizaba cyinjiza Miliyoni zisaga 164 z'amadorali ya Amerika ku mwaka.

# RRA yakusanyije imisoro Tiriyali 3,9 Frw igera ku rugero rwa 104%



**Komiseri Mukuru wa RRA, Niwenshuti Ronald**

**KAMALIZA Agnes**

***Ikigo cy'Igihugu cy'Imisoro n'Amahoro, (RRA) cyatangaje ko mu mwaka w'isoresha wa 2025/2026 cyakusanyijeTiriyali 3,9 z'amafaranga y'u Rwanda z'imisoro, akaba yaragezweho ku rugero rwa 104%, ugereranyije n'intego ya tiriyali 3.7 Frw y'intego cyateganyaga gukusanya.***

Mu kiganiro n'itangazamakuru cyabaye ku wa 08 Nyakanga 2026, cyagarukaga ku ishusho y'imisoro n'isoresha mu mwaka w'ingengo y'imari warangiranye na Kamena 2026, ndetse n'intego nshya z'umwaka wa 2026/2027, RRA yatangaje ko iryo zamuka rigaragaza ko imisoro yazamutse ku rugero rwa 27,7% ugereranyije n'umwaka w'isoresha wari wabanje.

Komiseri Mukuru wa RRA, Niwenshuti Ronald yatangaje ko mu mwaka wa 2025/26 imisoro yakusanyijwe yagezweho ku 104%, bigizwemo uruhare n'umubare w'abasora wiyongereye, kuko handitse abasora bashya 126 282, basoze miliyari 15 Frw, kandi hishyujwe ibirarane miliyari 277 Frw.

Yagize ati: "Abaturarwanda bamaze kumva neza inshingano zo gusora no gusora neza, aho bigaragara ko igipimo cyo gusora ku bushake kigenda kizamuka. Icya kabiri ni izamuka ry'ubukungu aho bigaragara ko ibihembwe byose iyo ubiteranyije muri rusange ubukungu bwazamutse kuri 11%, ibyo rero byatumye isahani y'imisoro yaguka ku buryo n'imisoro yiyongereye."

RRA kandi yavuze ko imisoro ikusanywa n'Uturere yageze kuri miliyari 137,900 Frw, ikaba na yo yarazamutse ku gipimo cya 102,4% ugereranyije n'umwaka ushize. Niwenshuti yasobanuye ko intego ihari ari uko mu mwaka wa 2026/27 hazakusanywa Tiriyali 4,6 Frw mu rwego rw'imisoro yo mu Gihugu, mu gihe imisoro yeguriwe Inzego z'ibanze hazakusanywa miliyari 165,9 Frw, azafasha kunganira ingengo y'imari y'u Rwanda ku gipimo cya 61,6%.

Mu rwego rwo gushyira mu bikorwa inshingano yo gusora, RRA ishimangira ko mu 2026/27 izibanda cyane ku kwiyandikisha ku musoro, kumenyekanisha ku gihe no kwishyura umusoro ku gihe, no gukora imenyekanisha ruzuye kandi ry'ukuri.

# Malariya na VIH/SIDA bitanga icyuho cyo kwandura Igituntu- RBC




**Uruhurirane rw'indwara ya malariya, igituntu no kuba umurwayi afite virusi itera SIDA biramuzahaza**

**NYIRANEZA Judith**

***Igituntu ni indwara akenshi ifata abantu bo mu miryango idafite ubushobozi, bitewe n'uko ubuzima baba babayeho buba butabafasha kugira ubwirinzi bw'umubiri, indwara ya malariya na virusi itera SIDA zikaba ziri mu zica umubiri intege, bityo abazirwaye bakaba baba bafite ibyago byo kurwara igituntu.***

Dr Yves Habimana Mucyo, ukuriye Ishami rishinzwe kurwanya igituntu mu Kigo cy'Igihugu cy'Ubuzima (RBC) yavuze ko malariya, igituntu na virusi itera SIDA bifitanye isano.

Yagize ati: "Izo ndwara zifitanye isano ya hafi kuko abafite virusi itera SIDA bibasirwa cyane n'igituntu kandi ubundi virusi itera SIDA ntiyica hica ibyuririzi byayo. Gusa iyo umuntu afata imiti akanakurikiza inama za gahunda ya serivisi za VIH ibyago byo kwandura indwara y'igituntu biragabanyuka, agira ubuzima nk'ubwundi muntu wese akaba ari yo mpamvu ibyuririzi byinshi bigaragara ku bafite virusi itera SIDA harimo cyane cyane izifata imyanya y'ubuhumekero by'umwihariko igituntu."

Yongeyeho ati: "Ikindi ni uko imwe muri izo ndwara iyo ititaweho neza izahaza umurwayi. Umurwayi ufite virusi itera SIDA n'igituntu agahabwa imiti y'igituntu ubwirinzi bw'umubiri we ntibuhangana na virusi kuko n'iyo yagikira umubiri uba waracitse intege kuko nta cyakozwe kuri virusi itera SIDA. Ni yo mpamvu byombi byagombye kuvurwa kuko virusi itera SIDA iri mu bituma abantu barwaye igituntu kiri mu ndwara za mbere zigihitana abafite ubwandu bwa virusi itera SIDA."

Imibare ya 2023 y'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare (NISR), igaragaza ko mu Banyarwanda basaga ibihumbi 9 banduye Virusi itera SIDA muri uwo mwaka mu cyiciro cy'urubyiruko ruri hagati y'imyaka 15 na 24, ubwandu bugenda bwiyongera kuko buri ku kigereranyo cya 35%.

Abafata imiti igabanya ubukana mu Rwanda bageze kuri 97.5%, ndetse iyi miti igabanya ubukana ku buryo virusi itagaragara mu maraso ku kigero cya 98% mu bafata imiti neza.

**Malariya ica umubiri imbaraga ukaba wakwibasirwa n'igituntu**

Dr. Habimana yasobanuye ko umuntu ashobora kurwara malariya ariko afite n'igituntu kigatizwa umurindi na yo, kuko ica umubiri intege.

Yagize ati: "Umuryango ukunda kurwaza kenshi, umuryango ugenda usubira inyuma mu mibereho bikawukururira ibyago byo kwita ku bagize umuryango kurwara igituntu kuko kigendana n'uburyo umuryango ubayeho mu bijyanye n'ubushobozi.

Kwibasirwa na malariya mu rugo bishobora kurangira byongereye ibyago rwa rugo rwo kuzarwara indwara zindi harimo n'indwara y'igituntu kubera guhora arwaragurika yazagira ibyago byo guhura n'ufite igituntu, umubiri we ukaba utagifite ubushobozi bwo kwirwanaho."

Yongeyeho ati: "Kubera ko ibimenyetso bya malariya biza birimo umuriro, gucika intege, ikizibakanwa bishobora kuza n'ubundi ariko umurwayi wari usanzwe afite igituntu bikacyongerera umuvuduko kandi wa muntu ufite igituntu, ubushobozi bw'umubiri we bwo kwirinda buba bwarashegeshwe na cya gituntu kitari cyamenyekana."

Imibare ya RBC, yerekana ko kuva muri Nyakanga 2025 kugera muri Werurwe 2026, mu Rwanda hamaze kugaragara abarwayi ba malaria 928 616, aho Akarere ka Gisagara gafitemo 216 350, mu gihe Uturere dutatu tugize Umujyi wa Kigali twose turi myanya 10 ya mbere mu bibasiwe.



**Haterwa imiti mu nzu hagamijwe guhashya indwara ya malariya**

Mu guhangana na malariya haterwa umuti wica imibu mu ngo kandi abantu bakarara mu nzitiramubu iteye umuti. Hanashyizweho gahunda yo kuba malariya ivurwa n'Abajyanama b'ubuzima ku buryo abagera kuri 85% bavurirwa mu ngo. Ku barwayi b'igituntu, kwipimisha bikorerwa ku mavuriro yose ndetse imiti na yo itangwa ku buntu.

**Ufite virusi itera SIDA ashobora kuzahazwa na malariya n'igituntu**

Dr Mucyo agaragaza ko umuntu ufite virusi itera SIDA, mu gihe yaba adakurikije inama zijyanye no gufata imiti igabanya ubukana bwayo, agize ibyago akarwara malariya bimuzahaza.

Yagize ati: "Umuntu ufite virusi itera SIDA, ufata imiti igabanya ubukana neza agira ubuzima bwiza, ariko iyo adakurikiza inama za muganga ashobora kurwara malariya ndetse n'igituntu, icyo gihe arazahara kuko izo ndwara zose zica umubiri intege."

Akomeza avuga ko byaba byiza ko igihe umuntu arwaye igituntu, hajya hanasuzumwa virusi itera SIDA na malariya zikareberwa hamwe kugira ngo umuntu atazahara.

Mu guhangana na Virusi itera SIDA, abo igaragayeho bahabwa imiti igabanya ubukana kandi itangirwa ubuntu ku mavuriro n'ibigo nderabuzima hagamijwe kuyegereza abayifata. Ku barwayi b'igituntu, kwipimisha bikorerwa ku mavuriro yose n'ibigo nderabuzima ndetse imiti na yo igatangwa ku buntu.

U Rwanda rwashyize mu bikorwa intego mpuzamahanga za ONU-SIDA za 95-95-95, bisobanuye ko 95% by'abantu bose babana na VIH bazi uko bahagaze, 95% by'abazi ko banduye bafata imiti igabanya ubukana, naho 95% by'abafata imiti bagera ku rwego virusi ziba zitakigaragara mu maraso yabo ku buryo batazanduza abandi. Mu mpera z'umwaka ushize, kuri iyo ntego, u Rwanda rwatangaje ko rugeze kuri 96-98-98 ku bipimo ngenderwaho.

Ishami ry'Umuryango w'Abumbye ryita ku Buzima (OMS) rigaragaza ko muri rusange, abantu miliyoni 1,23 bapfuye bazize igituntu mu 2024, muri bo 150 000 bakaba bari baranduye virusi itera SIDA.

Raporo ya 2025 ya OMS igaragaza ko abantu bagera kuri miliyoni 282 banduye malariya, igahitana 610 000 mu 2024.

Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye rishinzwe kurwanya Sida (UNAIDS), muri raporo yaryo ya 2024, rigaragaza ko abantu bagera kuri miliyoni 40,8 bafite virusi itera SIDA ku Isi yose. Afurika yo munsi y'Ubutayu bwa Sahara ikaba ari yo ikomeje kwibasirwa cyane, aho igizwe na bibiri bya gatatu by'abanduye.

# Nyagatare: Baracyakomwa mu nkokora n'igabanyuka ry'umukamo mu mpeshyi

HITIMANA SERVAND

***Aborozi bo mu Karere ka Nyagatare bagaragaza ko ubworozi buhakorerwa bugikomwa mu nkokora n'igihombo gituruka ku igabanyuka ry'umukamo rikabije bagihura naryo mu gihe cy'impeshyi.***

Aborozi bo muri ako Karere bavuga ko mu gihe cy'impeshyi ubworozi bwabo bugirwaho ingaruka n'igihombo gituruka ku igabanyuka ry'umukamo. Ibi ngo bituruka ku igabanyuka ry'ubwatsi n'amazi ku batayafite mu nzuri.

Mirenge Desire yagize ati: "Igihe cy'izuba kizahaza aborozi aho usanga hari n'ababura ubwatsi bakagishisha, nabyo biteza ibibazo birimo no kwandura kw'amatungo. Ati: Njye ubwanjye nigeze kubura ubwatsi n'aho twahiraga biragaragara nimura inka zanjye, ibyatumye zibasirwa n'inkurikizi inka zirapfa. Bivuze ko uretse kubura amata nanahombye amatungo."

Uyu mworozi ariko avuga ko mu bunararibonye afite iki kibazo cyacogozwa no guhinga ubwatsi.

Ati: "Umuti mbona ari uguhinga ubwatsi, urabona ko mu nzuri huma burundu ariko iyo wagize aho uhinga ubwatsi birakurengera. Uyu munsi ubu mfite ubwatsi bushobora gutuma ntasubira inyuma mu mukamo mbona."

Shyaka Geogy hamya ko kwiringira kuragira mu nzuri bituma iyo izuba rivuye bihita bigira ingaruka ku mukamo.

Ati: "Uyu Mutara ugira izuba ryinshi rikanga aborozi umukamo ukabura, biterwa nuko abenshi bakigaburira amatungo ubwatsi zirisha mu nzuri mu gihe mu zuba izi nzuri zuma zigakakara. Iyo umukamo ugabanyutse bikenesha umworozi."

Mu bigaragazwa n'ubuyobozi ni ukudahozaho k'umukamo w'amata aboneka mu Cyi, aho ugabanyuka ukagera ku kigero kiri hagati ya 40 na 60 % by'umukamo uboneka mu bihe bisanzwe.

Umuyobozi w'Akarere ka Nyagatare wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu Matsiko Gonzague, agira ati: "Nubwo hari byinshi byakozwe mu kongera umukamo, turacyafite ikibazo cy'uko umukamo tubona mu bihe bisanzwe uyoyoka mu gihe cy'izuba. Umukamo uramanuka ukagera hejuru ya 40%. Ibi bigira ingaruka ku mibereho y'abaturage bacu no ku iterambere hashingiwe ku byo twinjizaga biturutse ku mukamo kugeza ku isoko."

Uyu muyobozi avuga ko hakenewe ingamba zihuriweho



Kurishiriza ku gasozi biri mu bituma mu gihe cy'izuba umukamo ubura

n'abafite aho bahuriye n'ubworozi kugira ngo iki gihombo kigabanyuke.

Ati: "Mu ngamba dukwiye gufata ari ubuyobozi, aborozi, abafatanyabikorwa mu bworozi dukwiye guhuriza hamwe imbaraga mu gukumira iki kibazo. Leta iri kongera ibikorwa remezo birimo amazi ndetse n'amashanyarazi byorohereza aborozi kugaburira amatungo.

Aborozi na bo basabwa kwitabira gahunda zo guhinga ubwatsi mu buryo buhoraho ku buryo babuhunika bityo bagakomeza kugabura neza mu bihe by'izuba."

Kugeza ubu mu bihe by'imvura Akarere ka Nyagatare kabona umukamo wa litiro zisaga ibihumbi 120. Murizo izigezwa ku isoko rinini rya Inyange zigera ku bihumbi 70. Imibare kandi igaragaza ko aborozi bahinga ubwatsi bagasagurira bagenzi babo bari ku kigero cya 15%. Ni mu gihe ubuso buhingwaho ubwatsi bukiri kuri 0.5% by'inzuri.

# Musanze: Imiferege yo mu isoko ry'ibiribwa iteje impungenge

NGABOYABAHIZI Protais

***Abaturage bagana n'abacururiza mu isoko ry'ibiribwa rya Musanze, rizwi nka Kariyeri, barasaba ubuyobozi bw'Akarere ka Musanze kwihutira gusana imiyoboro y'amazi (imiferege) yangiritse, bavuga ko imaze guteza impanuka ku bantu kubera ibyuma byazitwikiraga byagiye bivunika cyangwa bikavaho, bigatuma zisigara zirangaye.***

Aba baturage bavuga ko ikibazo kimaze igihe kandi gikomeje gushyira ubuzima bw'abagana iri soko mu kaga, kuko hari abagwamo bagakomereka, abandi bakavunika, ndetse bamwe bakajyanwa kwa muganga.

Mahirwe ni umwe mu bagore wari waje guhaha muri iri soko yavuze ko amaze kubona abantu batatu baguye muri izo rigore, harimo n'uwavunitse ivi.

Yagize ati: "Izi ferabeto zari zitwikiriye rigore zimwe zaravunitse kubera ko abantu benshi bazambukiraho buri munsi. Hari ahantu hasigaye hafunguye ku buryo umuntu ashobora kugwamo atabibonye. Ku bwanjye maze kubona abantu batatu baguye muri iyo miyoboro, harimo n'uwavunitse ivi ajyanwa kwa



Imiferege yo mu isoko ry'ibiribwa rya Musanze yarangiritse cyane

muganga."

Nyiramahirwe Rosine, ukorera ubucuruzi bw'imbuto muri iryo soko avuga ko na we yahuye n'ingaruka z'iki kibazo, nyuma yo kugwa muri imwe muri iyo miyoboro.

Yagize ati: "Naguye muri iyi miyoboro ndakomereka bikomeye. Namaze ibyumweru bibiri ntabasha gukora. Imbuto nacuruzaga zabuze uzigurisha zirangirika, mpura n'igihombo gikomeye. N'ikimina natangagamo buri munsi cyarakomeje kungendana nabi kuko natindaga cyangwa nkabura ayo gutura, bakamfata nk'uwarangaye bakanca amande. Turasaba ubuyobozi kudufasha kuko buri munsi hari umuntu ugwa muri iyo miyoboro."

Abacururiza muri iri soko bavuga ko kuba imiyoboro isigaye irangaye bibangamiye umutekano w'abaguzi n'abacuruzi, cyane cyane mu masaha y'ubucuruzi buba bwitabiriwe n'abantu benshi.

Umuyobozi w'Akarere ka Musanze wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Clarisse Uwanyirigira, yavuze ko ubuyobozi buzi iki kibazo kandi ko bwamaze kugishyikiriza rwiyemezamirimo ushinzwe ibikorwa byo gusana iri soko.

Yagize ati: "Iki kibazo turakizi. Isoko ry'ibiribwa rya Musanze rizwi nka Kariyeri hatanzwe isoko ryo kuvugurura iyo miyoboro y'amazi, rwiyemezamirimo uzakora ibi bikorwa byo kurivugurura, harimo no gusana ahangiritse. ubu afite indi mirimo ari kurangiza, harimo kubaka Ibiro by'Utugari, ariko namara kuyisoza azahita atangira gusana iri soko. Umuturage akwiriye gucururiza no guhahira ahantu hatekanye."

Iryo soko ry'ibiribwa ni rimwe mu masoko akomeye y'Akarere ka Musanze ricururizwamo cyane imboga, imbuto n'ibindi biribwa bituruka hirya no hino.

Ni isoko rya kijyambere ryafunguye imiryango mu 2024, ryatwaye asaga miliyari esheshatu z'amafaranga y'u Rwanda. Ryubatswe rifite ubushobozi bwo gukorerwamo n'abacuruzi basaga 2 000, ariko bamwe mu barikoreramo bavuga ko kuba imiferege yaryo yarangiritse bikomeje gushyira ubuzima bw'abarigana mu kaga.

# Nyagatare: Rukomo bashyikirijwe inzu y'ababyeyi ya miliyoni 195 Frw



**Abaturage bishimiye ko bubakiwe inzu y'ababyeyi bakaba bahabwa serivisi zinoze**

**HITIMANA Servand**

***Abaturage bagana ikigo nderabuzima cya Rukomo mu Karere ka Nyagatare barishimira ko bizihije umunsi wo kwibohora ku nshuro ya 32 bashyikirizwa inzu y'ababyeyi y'agaciro ka miliyoni 195 Frw, ikaba izatuma bahabwa serivisi neza, kuko ubusanzwe hari hato ntibakirwe neza, bakavuga ko bigiye gutuma ubuzima bw'ababyeyi n'abana bahavukira bwitabwaho.***

Abaturage b'i Rukomo bavuga ko bashima ibikorwa by'iterambere y'imibereho myiza bagezwaho n'ubuyobozi burangajwe imbere na FPR - Inkotanyi bahamya ko babanye mu bihe bigoye by'Urugamba rwo kubohora Igihugu. Inyubako y'ababyeyi bubakiwe bayifata nk'umusaruro wavuye ku rugamba rwatangiriye muri ibyo bice mu 1990.

Mukiza Ildephonse yagize ati: "Mu myaka ya za 91 na 92 ahavugiraga urusasu ruremereye. Dushimiye Inkotanyi zari ku rugamba ko inyubako nk'iyi igiye kudufasha kugira imibereho myiza ari umusaruro ukomoka ku rugamba zaharwaniye. N'ubundi baza batubwiraga ko ibyiza biri imbere. Uyu munsi rero ni umwanya mwiza wo kwakira iyi nzu y'ababyeyi twishimira intsinzi y'Urugamba rwo kwibohora"

Ubwo bashyikirizwaga iyi nyubako ku wa 4 Nyakanga 2026, bagaragaje ko ije ari igisubizo ku bagana iri vuriro aho bahuraga n'ibibazo bikomeye birimo kwakirirwa mu nzu nto cyane, bikiyongeraho umubare munini w'abagana iryo vuriro, bigatuma ababyeyi babiri barashoboraga kwakirirwa ku gitanda kimwe.

Mukeshimana Yuniya umwe mu babyeyi babyariye muri iri vuriro avuga ko kuri ubu bafite amashimwe kubera serivisi nziza bari guhabwa. Ati: "Twishimiye kubakirwa iyi nyubako yatumye turi guhabwa serivisi nziza. Ubundi twabyiganiraga ahantu hato ariko ubu ibintu bimeze neza cyane, umubyeyi aba afite aho yakirirwa akagira aho abyarira ndetse n'aho aruhukira nyuma yo kubyara. Twishimiye ibi byiza tugezwaho.

Kubwimana Celestin na we yagize ati: "Ni ukuri njyewe sinabona uko mvuga ibitangaza turi kubona mu majyambere y'iki Gihugu. Umugore wanjye yabyariye abana babiri hano mu bihe navuga ko umubyeyi yabaga atari ahantu haboneye, kuko hari hafunganye kugira ngo umugabo amenye uko umugore we ameze, ni inkuru yabaririrwaga, kuko utari kubona uko umugeraho abantu bacucitse."

Uyu muturage yongeraho ko ubu nta muntu ushobora kwiganyira kuza kubyarira kuri iryo vuriro kuko umunsi ku munsi haboneka ibisubizo byo kunoza servisi.

Umuyobozi w'Akarere ka Nyagatare Wungirije ushinzwe Imibereho myiza y'Abaturage Murekatete Juliet, yavuze ko gushyigikira imitangire ya serivisi nziza, mu rwego rw'ubuzima harimo no kongera ibikorwa remezo bifasha muri gahunda za buri munsi.

Yasabye abaturage kubahiriza gahunda z'ubuzima bakabyaza umusaruro ibikorwa remezo nk'ibi bagezwaho ndetse banabibungabunga.

Yagize ati: "Inyubako yaje ikenewe cyane aho yabaye igisubizo ku baturage. Abaturage barasabwa rero kuyibyaza umusaruro bakubahiriza gahunda zo kubyarira kwa muganga, gutanga ubwisungane mu kwivuza, gusuzumisha inda inshuro ziteganyijwe kugira ngo barebe uko ubuzima bwabo buhagaze, kuko ubu nta rwitwazo rwo kubura aho bakirirwa."

Iyi nyubako ifite ibyumba byo gutegererezamo, ikagira imyanya ibiri yo kwakira ababyeyi bari kubyarira icyarimwe ndetse ikagira n'ubushobozi bwo kwakira abayeyi 9 babyaye.

# Nyaruguru: Abatuye Winteko badindizwa no kutagira amashanyarazi

**HABIMANA Eric**

***Abatuye Umudugudu wa Winteko, Akagari ka Shororo mu Murenge wa Busanze, Akarere ka Nyaruguru, barasaba ko bagezwaho amashanyarazi aho bavuga ko kubura umuriro bibadindiza mu iterambere, bigatuma bakora ingendo ndende bajya gushaka serivisi ziwukeneye zirimo kwiyogoshesha, gusudira no gushaka umuriro wa telefone.***

Abo baturage bavuga ko nubwo batuye mu isantere ifite ibikorwa by'ubucuruzi n'abiga imyuga, kubura amashanyarazi bituma badashobora gukora ibikorwa bibabyarira inyungu cyangwa kwagura ubucuruzi bwabo. Bagaragaza ko hari serivisi nyinshi zibura muri ako gace kuko abakazitanze batabikora badafite umuriro.

Dusabe Pacia yavuze ko buri gihe iyo bakeneye serivisi zisaba amashanyarazi basabwa gukora urugendo rurerure bikabatwara amafaranga n'umwanya. Ati: "Kubona umuriro

Ku bakora ubucuruzi, ikibazo cy'umuriro bagifata nk'imbogamizi ikomeye, Niyodusenga Sophia, ucuruza mu isantere ya Winteko, avuga ko iyo bwije bahita bataha kuko nta rumuri ruhari, bikababuza gukora amasaha abakiliya baba babonetse na cyane ko amasaha y´umugoroba ari bwo baba batangiye guhaha ibyo guteka ari benshi.

Ati: "Mu masaha ya nimugoroba ni bwo abantu benshi baza guhaha, ariko twe tuba twamaze gutaha kubera umwijima. Iyo ukoresheje agatoroshi ntibiba bihagije, kandi gukoresha telefone nk'itara nabyo ntibyoroshye, ariko habaye hari amashanyarazi twakongera amasaha y'akazi, ubucuruzi bukazamuka."

Umuyobozi w'Akarere ka Nyaruguru, Dr. Murwanashyaka Emmanuel, yavuze ko abaturage ba Winteko batagomba guhangayika kuko gahunda yo kubagezaho amashanyarazi yamaze gutangira binyuze mu mishinga itandukanye irimo uwo bafatanyamo na



**Barasaba ko bahabwa umuriro bakava mu icuraburindi**

biratugora cyane, iyo dukeneye gusudira cyangwa gucomekesha telefone tujya kure cyane, nk'abana bize imyuga ntibabona uko batangiza ibikorwa byabo kuko nta mashanyarazi bafite, bigatuma dusigara inyuma mu iterambere."

Niyirora Noheli we avuga ko kwiyogoshesha bisigaye bibahenda kuko usibye amafaranga yo kwiyogoshesha ngo banasabwa gutega moto kugira ngo bagere ahari amashanyarazi. Ati: "Iyo ugiye kwiyogoshesha bigusaba gutanga amafaranga ibihumbi bibiri ya moto kugira ngo ugere aho wiyogoshesha, kandi uba ugiye kwiyogosheshereza amafaranga magana atanu cyangwa igihumbi, ariko iyo tuza kuba dufite umuriro n'izo nzu zakorera hano iwacu, abaturage ntibakomeze guhomba."

Banki y´Abarabu ishinzwe iterambere muri Afurika (BADEA).

Yagize ati: "Amapoto y'amashanyarazi ari hafi kubageraho, hari imishinga ibiri irimo gushyirwa mu bikorwa, imwe izarangirana n'uyu mwaka indi irangire mu kwezi kwa 12, iyi mishinga izadufasha kongera amashanyarazi no kuyageza mu bice bitari byarayagezemo harimo na Winteko kandi bo amapoto ageze hano haruguru hafi yabo."

Yakomeje avuga ko Akarere ka Nyaruguru gafite intego yo kugeza amashanyarazi ku baturage bose bitarenze umwaka wa 2029, aho yagaragaje ko kuri ubu abaturage bamaze kugerwaho n'amashanyarazi bari hafi ya 90%, bityo n'ibice bisigaye bikazagerwaho mu gihe cya vuba

# Rutsiro: Yashatse gutema umugore we amubuze atemagura insina anatwika imyenda

BAHUWIYONGERA SYLVESTRE

***Habarurema Jean de Dieu wo mu Mudugudu wa Sanzure, Akagari ka Kabuga, Umurenge wa Mukura, Akarere ka Rutsiro yatawe muri yombi akurikiranyweho gushyamirana n'umugore we Mutimawabera Xaverine agashaka kumutema yamubura akadukira insina ebyiri ziriho ibitoki akazitemagura ibitoki akabicocagura, akanatwika imyenda yose y'umugore we n'iy'abana babo babiri.***

Amakuru Imvaho Nshya yahawe na mukuru wa Mutimawabera Xaverine witwa Mukamugisha Esther avuga ko murumuna we na Habarurema Jean de Dieu bamaranye imyaka 14 babana badasezeranye, bakaba barabyaranye abana babiri, umukobwa w'imyaka 13 n'umuhungu w'imyaka itandatu.

Umugabo yumvise ko inzu yavuguruwe n'ubwo inzugi zari zitarajyamo, hariho amabati mashyashya gusa aba aragarutse, abwira umugore ngo namuhe kuri ayo mafaranga yigurire telefoni azi ko atayamaze yose. Umugore yamuyahemo amafaranga 20 000 agira ngo agire amahoro, umugabo aguramo telefoni y'amafaranga 10 000 asigaye ayatsinda mu kabari.

Umugore yamusabye ku mafaranga amaze iminsi akorera ngo bagure inzugi bashyire ku nzu, aho kuyamuha n'ubundi biba intonganya, umugabo afata umuryango w'inyuma n'amadirishya atsindagiramo amatafari, hasigara umuryango w'imbere gusa, umugore yari yashyizemo akugi yashakashatse.

Ati: "N'ubundi byabaye intambara umugabo ata urugo ngo agiye i mugore na we aratabaza, umugabo ariruka kuko bwari bumaze kwira, abaturage n'irondo baramushakisha kugeza bamubonye atabwa muri yombi.

Umuturanyi wabo witwa Nshagayintwali Jean Damascène avuga ko ikindi giteye impungenge ari uko uwo mugabo yanga kurihira umuryango we Mituweli, n'iy'umwaka ushize umugore akaba ari we washakishije udufaranga akayishyura kandi umugabo ari we ufite akazi ka buri gihe k'ubufundi, na byo bakabibonamo gushaka guhima umuryango.

Ati: "Nk'ubu umugore arwaye amaso cyane yabuze kivuza. Umugabo aho kumuvuza yirirwa amucyurira ngo ntashaka impumyi mu rugo, akamuhoza ku nkeke, atanaretse izo ngeso mbi zindi aba yagiyemo."



**Umugabo yatswitse imyenda nyuma yo gushaka gutema umugore akamubura**

Avuga ko amakimbirane yabo amaze imyaka itanu bakaba bahoraga barwana bapfa ko umugabo afata umutungo w'urugo akawumarira mu nshoreke no mu nzoga. Ati: "Bahora mu makimbirane kuko hari hashize imyaka ibiri umugabo n'ubundi akubise umugore afungwa amezi atatu avuyemo yemerera imbere y'ubuyobozi ko atazongera guteza intugunda mu rugo ariko n'ubundi byaranze."

Uyu mugabo ngo yari aherutse kugurisha isambu y'umuryango amafaranga yose ayamarira mu nzoga n'inshoreke kandi inzu yarendaga kubagwaho, umugore abonye umugabo ahora amuta akigendera, agurisha umunani iwabo bamuhaye agura amabati avugurura iyo nzu.

Rubengera mu Karere ka Karongi mu kazi kuko asanzwe ari umufundi, agaruka tariki 5 Nyakanga 2026 yasinze cyane, ashyamirana n'umugore anatangira kumuhondagura, umugore amuhungira kwa nyirabukwe, umugabo na we muri iryo joro ata abana mu nzu ntibamenye aho yaraye."

Yagarutse ku mugoroba wo ku wa 6 Nyakanga yasinze afata umuhoro agira ngo umugore ari mu nzu, amubuze atemagura izo nsina ebyiri n'ibitoki zannye arabicagagura. Nyuma y'aho yafashe imyenda yose y'umugore n'iy'abana babo arayitwika.

Umwana wa mushiki we wabonye imyenda ishya yahamagaye uwo

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Mukura, Ndayambaje Emmanuel yavuze ko bikimenyekana yashaskishijwe agatabwa muri yombi, agashyikirizwa Sitasiyo y'Urwego rw'Ubugenzacyaha (RIB) ya Rubengera, na yo igomba kumushyikiriza iya Gihango akabibazwa.

Ati: "Uyu munsi ku wa 7 Nyakanga 2026 umugore twamwohoreje kuri Sitasiyo ya RIB ya Gihango gutanga ikirego cy'iryo hohoterwa akorerwa kugira ngo uyu mugabo abibazwe anamenye ingaruka z'ibi bibi akorera umuryango ntazabyongere." Yasabye abagize imiryango kubana neza kuko amakimbirane ateza ibihombo, akanagira ingaruka zinagera ku bo babyaye.

# Nyamasheke: Yamaze amasaha 4 mu bwiherero yaguyemo akurikiye umwagazi w'ihene



**Yaguye mu bwiherero akurikiye umwagazi w'ihene (Foto: Internet)**

BAHUWIYONGERA Sylvestre

***Simbandumwe Dume w'imyaka 30 wo mu Mudugudu wa Nyarusange, Akagari ka Vugangoma, Umurenge wa Macuba, Akarere ka Nyamasheke, arembeye mu Bitaro bya Kibogora nyuma yo kumara amasaha ane mu bwiherero yaguyemo akurikiyemo umwagazi w'ihene utaramara icyumweru uvutse wari waguyemo. Bivugwa ko yakuwe muri ubwo bwiherero bwa metero 15 yanegekaye, ariko ubu akaba akirimo kwitabwaho n'abaganga.***

Mazimpaka Phénias,umuturanyi w'uyu mugabo, yabwiye Imvaho Nshya ko yaguye muri urwo rwobo ahagana saa saba z'amanywa ku wa 8 Nyakanga 2026, akurikiyemo akana k'ihene kari kataramara icyumweru kari kakimara kugwamo kuko umuryango w'ubwiherero bwari bukinguye.

Ati: "Kaguyemo akareba, ahita akuraho ibiti byari bitinze ubwo bwiherero bwa metero 15, agakurikiramo agiye kugakuramo kuvamo biranga. Yatangiye kuvuza induru umwana we w'imyaka 3,5 aramwumva ahita yirukanka abwira abaturanyi, babwira Umukuru w'Umudugudu na we abwira ubuyobozi bw'Umurenge, bose bahageze kumukuramo birabananira."

Ubuyobozi bwitabaje polisi ibizobereyemo yaturutse i Rusizi ihageze umupolisi wari wamaze kumva ko uwo mugabo agihumeka yoherezamo umugozi umugabo awuzamukiraho agera imusozi yanegekaye, ako kana k'ihene yakurikiragayo ko kamaze gupfa.

Mazimpaka yanavuze ko umwana mukuru yagiye guhuruza, na ho umuto agakurikira aho se yatabarizaga mu bwiherero, ku bw'ama-

KOMEZA KU RUP.17

# Nyamasheke: Yamaze amasaha 4 mu bwiherero yaguyemo akurikiye umwagazi w'ihene

IBIKURIKIRA URUP.16

hirwe abaturage bahuruye bahagera na we atariroha mu bwoherero.

Ati: "Yakuwemo ahagana saa kumi n'imwe z'umugoroba amazemo amasaha ane yose, yanegekaye cyane kubera gaze y'ubu bwiherero bwakoreshwaga no kuba bwari burebure cyane, ahita ajyanwa mu Bitaro bya Kibogora aho ari kwitabwaho n'abaganga."

Past. Ntaganira Fabien, undi muturanyi, na we yanenze uburyo uyu mugabo yashyize ubuzima bwe mu kaga akurikiye umwagazi w'ihene.

Ati: "Uretse Imana yonyine yamutabaye yari ahasize ubuzima ngo ni akana k'ihene katanaguze amafaranga 5 000 akurikiyemo, wenyine nta n'abamutabara bari hafi. Iyo ako kana ke kadatabaza byari gutuma n'abo bana bombi bamukurikiramo, bose bagapfana n'ako gahene yari akurikiye. Abantu bakwiye gushishoza mbere yo gukora igikorwa nk'icyo gishobora gutwara ubuzima."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Macuba, Munezero Yvan yabwiye Imvaho Nshya ko ayo makuru akimenyekana bafatanyije n'abaturage gutabara kumukuramo bikanga, bisaba ko bitabaza Polisi yaturutse i Rusizi.

Ati: "Polisi yamukuyemo amazemo amasaha ane ajyanwa mu Bitaro bya Kibogora, abaganga bari kumwitaho."

Yakomeje asaba abaturage kujya bagira amakenga ntibishore mu bishobora gushyira ubuzima bwabo mu kaga ngo barakiza imitungo yabo, cyane ko imitungo itaruta ubuzima.

# Nyaruguru: Abagore bibumbiye mu matsinda bongera umusaruro



Mutanyagwa Consolee asarura ibirayi avuga ko kuba mu matsinda byatumye amenya guhinga kijyambere



Ubumenyi ku buhinzi bwafashije Mutanyagwa guhinga imbuto z'indobanure

**BYUKUSENGE Annonciata**

***Abagore batinyutse bakibumbira hamwe mu matsinda bavuga ko byababafashije kwiteza imbere bakagera ku bikorwa bifatika, ariko mbere wasangaga bategereza amaramuko ku bo bashakanye kandi na bo hari ubwo nta mikoro babaga bafite.***

Abagore baganiriye na Imvaho Nshya ni abo mu Murenge wa Ruheru, bibumbiye mu matsinda y'abahinzi b'ibirayi, ubu bakaba baramaze kuba abakire nk'uko babyivugira. Yankurije Violette ni umuhinzi w'ibirayi. Avuga ko mbere y'umwaka wa 2019 atarajya mu itsinda yahingaga mu kajagari kubera ko atajyaga aho abandi bari ngo yiyungure ubumenyi.

Ati: "Mbere nahingaga ibihingwa birenze bitatu mu murima umwe kandi ntibimpe umusaruro kuko ntarinzi guhinga kijyambere ngo mpinge n'imbuto z'indobanure. Ubuso Bungana na are imwe nezagaho ibilo 50 by'ibirayi, ubu nezaho ibilo 250 by'ibirayi kandi ubuso ntibwahindutse."

Akomeza avuga ko abikesha kwibumbira mu matsinda kuko yahungukiye ubumenyi. Ati: "Ibi mbikesha kuba naragiye mu matsinda hamwe n'abandi. Nahakuye ubumenyi bwo guhinga ku murongo, guhinga imbuto z'indobanure no kumenya kwizigamira amafaranga."

Mugenzi we Mutanyagwa Consoleé na we avuga ko kwibumbira mu matsinda byamufashije kubona icumbi kuko atarajya mu matsinda atagiraga aho kuba n'umuryango we. Ati: "Twabaga mu nzu imeze nko kuba hanze kuko iyo imvura yagwaga twanyagirwaga nk'abari hanze. Maze kujya mu matsinda namenye guhinga kinyamwuga umusaruro uriyongera."

Akomeza avuga ko ubuso bungana na are 50 yahingagaho icyarimwe ibirayi, ibishyimbo n'ibigori. ibirayi, yezaga ibilo 200, ibigori akeza ibilo 40 na ho ibishyimbo akeza ibilo 50, ariko ubu byarahindutse. Ati: "Maze kujya mu matsinda namenye guhinga kinyamwuga. Nafashe are 25 nziharira ibirayi, ubu nezaho ibilo 500, ibishyimbo neza ibilo 300 kuri are 10, n'ibigori ibilo 400 kuri are 15."

Mutanyagwa yongeyeho ko akimara kubona ko umusaruro wiyongereye akihaza mu biribwa we n'umugabo we n'abana batanu babyaranye, yahise agira igitekerezo cyo kubaka inzu kuko amafaranga yizigamiraga mu matsinda yari amaze kugwira hakiyongeraho n'ayo akura mu byo yejeje.

Ati: "Nafashe amafaranga yo mu matsinda kuko turasa ku ntego mu bihe bitandukanye, mpita ntangira kubaka inzu y'ibyumba bitatu n'uruganiriro. Ubu ntabwo tukinyagirwa, abana bariga neza kandi Mituweli nyitangira ku gihe."

Murwanashyaka Innocent ni umugabo ufite umuryango w'abana bane n'umugore. Avuga ko guhindura imyumvire kuri bamwe mu bagore n'abagabo bitoroshye, ariko batangiye kubona itandukaniro ry'urugo rufite umugore uba mu matsinda n'urufite umugore utegereza ko umugabo we ahingira amafaranga 1 000 ngo babone kubaho.

Ati: "Njyewe nkora akazi ko gukusanya amata mu baturage nkayajyana ku ikusanyirizo. Nabanje kutumva ukuntu umugore yajya mu matsinda ataye imirimo y'ikigoroba kandi nanjye mba ntahari. Numvaga abana batazabona ubitaho ndetse n'amatungo azahita atunanira kubera ko umugore yavuye mu rugo."

Akomeza avuga ko nyuma yo kujya yumva ubuhamya bw'abagabo bagenzi be bavuga ko ibikorwa bamaze kugeraho babikesha kuba abagore babo bari mu matsinda, na we yatangiye kujya agenda abyumva.

Ati: "Nabanje kubipfa n'umugore kuko bagenzi be bamushishikarizaga kubasanga mu matsinda, yabimbwira nkumva ni ugutakaza umwanya n'amafaranga. Kumva ko amafaranga yizigama azagaruka byarangoye, ariko maze guhindura imyumvire naramuretse yibumbira hamwe n'abandi mu matsinda. Nta kintu cyangiritse mu rugo kuko yagiye mu matsinda, ahubwo yungutse ubumenyi budufasha kwiteza imbere."

Umuyobozi w'Akarere ka Nyaruguru, Dr. Murwanashyaka Emmanuel avuga ko mu ngamba bafashe zo gufasha abaturage kwiteza imbere bikura mu bukene, harimo no kubashishikariza kwibumbira mu matsinda.

Ati: "Dufite ubuhamya bw'abantu biteje imbere babikesha kwibumbira mu matsinda kuko barizigamira bakanagurizanya. Si ibyo gusa kuko banakorana n'ibigo by'imari buri wese akaba ari umwishingizi wa mugenzi we by'umwihariko abahinzi bibumbiye mu makoperative. Turashishikariza abaturage kwegera abandi mu matsinda kugira ngo iterambere ryabo ryihute."

Ubwo yasozaga icyumweru cy'Umujyanama n'Umufatanyabikorwa, Dr. Murwanashyaka yavuze ko Iterambere ry'abaturage ritagerwaho hatabayeho ubufatanye, anashimira abafatanyabikorwa babafasha mu iterambere ry'abaturage umunsi ku munsi.

## ITANGAZO RY'ISOKO

**Croix-Rouge Rwandaise**
**Rwanda Red Cross**

Date: 7/07/2026
Ref No 0157/0107/SG/2026

Organisme d'Intérêt Public
Auxiliaire des Pouvoirs Publics
B.P. 425 Kigali – Rwanda
Email: rrcs@redcross.org.rw
Website: www.redcross.org.rw

**TENDER NOTICE**

**Tender Reference Nº: 033-DAT-WHCA-RRC-2025-2026**

**Client: Rwanda Red Cross**

**Project: Water at the Heart of Climate Action (WHCA)**

**CONTRACT TITLE: Tender for Hiring a qualified firm for supply and installation of Rainwater Harvesting (RWH) systems.**

Rwanda Red Cross (hereinafter called "client") with support of the Internal Federation of Red-Cross (IFRC) through its WHCA Project budget intends to apply a portion of the funds to eligible payments under the tender for **Hiring a qualified firm for supply and installation of Rainwater Harvesting (RWH) systems** of which complete Terms of Reference are found in the tender document. The Rwanda Red Cross invites qualified bidders to submit bids for the mentioned tender.
Tender documents in English may be obtained on any working day at Rwanda Red Cross Head Quarters Kacyiru opposite former UTEXRWA, in procurement office - from Monday to Thursday at 9:00 AM to 5:00 PM and Fridays at 9:00 AM to Noon, upon presentation of proof of payment of a non-refundable fee of ten thousand Rwandan Francs (10,000) for the tender document to the account nº20000-40-4001-CRR/SG.opened at I&M Bank. The bank slip must bear the name of the bidder, the number and the title of the tender.

Well printed bids, properly bound and presented in three copies (one original and other two copies). All must be submitted in sealed envelopes containing the tender name and the consignment to the General Secretariat office at Rwanda Red Cross not later than **23th July 2026** at **2:00 pm**. The bid opening is scheduled to be conducted the same day at **2:30** pm Late bids will not be accepted.
The site visit is scheduled to be conduct from **16-17/07/2026** in **karongi District.**

The bids shall remain valid for a period of 120 days starting from the date of bid opening.

Sincerely.

**KARAMAGA Apollinaire**
Secretary General of Rwanda Red Cross

*Gira Umutima Utabara*

## ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBLIC OF RWANDA

Kigali, 07 JUL 2026
Ref Nº: 2399/SPIU/026

RWANDA TRANSPORT DEVELOPMENT AGENCY (RTDA)
P.O Box 6674
KG 563 St., Queen's Land House, 1st Floor
Email: info@rtda.gov.rw
KIGALI

To all Potential Bidders

**NOTICE: EXTENSION OF BIDS SUBMISSION DEADLINE.**

| | |
|---|---|
| TENDER NOTICE | 003/W/2025-2026-OCBI/SPIU/ BRIDEP/RTDA- AfDB |
| CLIENT | Rwanda Transport Development Agency (RTDA) |
| FUNDING | African Development Bank (AfDB) |
| TITLE OF TENDER | Upgrading works of Kinigi-Kora(28.1km) |

Reference is made to the above-mentioned tender for **"Upgrading works of Kinigi-Kora(28.1km)."** with Ref Nº: **003/W/2025-2026-OCBI/SPIU/ BRIDEP/RTDA- AfDB.**

This notice serves to inform all potential bidders that the bids submission deadline is extended up to **23rd July 2026** at the time and place indicated in the Invitation for bids, bids opening will take place the same date at 10:30 a.m Local time **(8:30 GMT)** in RTDA conference room.

Sincerely,

**Imena MUNYAMPENDA**
Director General

Website: https://www.rtda.gov.rw

## ITANGAZO RY'ISOKO

Repubulika y'u Rwanda
Umujyi wa Kigali
**Akarere ka Gasabo**

UMURENGE WA NDERA

**ITANGAZO RYO GUPIGANIRA AMASOKO Y'UMWAKA W'INGENGO Y'IMARI 2026-2027 MU MURENGE WA NDERA**

Ubuyobozi bw'Umurenge wa NDERA buramenyesha ba Rwiyemezamirimo babyifuza, bujuje ibisabwa kandi babifitiye ubushobozi, ko bushaka gutanga amasoko atandukanye mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2026-2027.

| IO | Izina ry'igikorwa | Igihe cyo gufata igitabo gikubiyemo ibisabwa | Igihe ntarengwa cyo gutanga dossier | Igihe cyo gufungura amabaruwa |
|---|---|---|---|---|
| 1 | Providing hospitality services to Ndera sector guests at the Hotel level | Guhera taliki ya 14/07/2026 saa 9h00-17h00 | 11/08/2026 saa 9h30 mu biro bya Administrative Assistant, ku murenge wa Ndera | 11/08/2026 saa 10h00 Mu cyumba cy'inama cy'umurenge wa Ndera |
| 2 | Supply of Office equipments (Furnitures) | Guhera taliki ya 14/07/2026 saa 9h00-17h00 | 11/08/2026 saa 9h30 mu biro bya Administrative Assistant, ku murenge wa Ndera | 11/08/2026 saa 10h00 Mu cyumba cy'inama cy'umurenge wa Ndera |
| 3 | Providing hospitality services to Ndera sector guests at the restaurant level | Guhera taliki ya 14/07/2026 saa 9h00-17h00 | 11/08/2026 saa 9h30 mu biro bya Administrative Assistant, ku murenge wa Ndera | 11/08/2026 saa 10h00 Mu cyumba cy'inama cy'umurenge wa Ndera |
| 4 | Providing maintenance services for IT equipment in Ndera Sector | Guhera taliki ya 14/07/2026 saa 9h00-17h00 | 11/08/2026 saa 9h30 mu biro bya Administrative Assistant, ku murenge wa Ndera | 11/08/2026 saa 10h00 Mu cyumba cy'inama cy'umurenge wa Ndera |
| 5 | Supply of IT Equipement in Ndera Sector | Guhera taliki ya 14/07/2026 saa 9h00-17h00 | 11/08/2026 saa 9h30 mu biro bya Administrative Assistant, ku murenge wa Ndera | 11/08/2026 saa 10h00 Mu cyumba cy'inama cy'umurenge wa Ndera |
| 06 | Vehicle Cleaning service (Gusukura imodoka z'Umurenge wa Ndera mu Kinamba). | Guhera taliki ya 14/07/2026 saa 9h00-17h00 | 11/08/2026 saa 9h30 mu biro bya Administrative Assistant, ku murenge wa Ndera | 11/08/2026 saa 10h00 Mu cyumba cy'inama cy'umurenge wa Ndera |
| 07 | Supply of materials to the needy people (Kugemura ibikoresho by'abatishoboye). | Guhera taliki ya 14/07/2026 saa 9h00-17h00 | 11/08/2026 saa 9h30 mu biro bya Administrative Assistant, ku murenge wa Ndera | 11/08/2026 saa 10h00 Mu cyumba cy'inama cy'umurenge wa Ndera |

E-mail : nderasector@gasabo.gov.rw

Abifuza gupiganira ayo masoko bishyura amafaranga 10,000frs yo kugura ibitabo bikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa binyuze muri serivise y'irembo . Abishyuye ibitabo bashobora kuza kubifata guhera tariki ya 14/07/2026 mu biro bya **Administrative assistant** w'Umurenge wa Ndera. Amabahasha afunze neza, arimo ibiciro byanditse n'imashini n'ibyangombwa byasabwe bigizwe n'inyandiko y'umwimerere n'amakopi abiri bigomba kuba byageze ku biro by'Umurenge wa Ndera bitarenze tariki ya 11/08/2026 saa tatu n'igice (9h30) za mugitondo . Gufungura amabahasha y'ipiganwa ni saa yine zuzuye za mu gitondo (10h00) kuri iyo tariki.

**Icyitonderwa :** Abazatanga inyandiko z'ipiganwa, bazasurwa mu minsi yo gukora isesengura ry'inyandiko z'ipiganwa mu rwego rwo kwegeranya amakuru y'ingenzi akenewe ku masoko ajyanye naho service itangirwa.

Bikorewe i Ndera kuwa 9/07/2026.

**MUGISHA Emmanuel**

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Ndera

E-mail : nderasector@gasabo.gov.rw

## ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINEDUC
E.S MUSHUBI
B.P. 88 GIKONGORO
Tél. 07 88 56 05 02

**ITANGAZO RYO GUTANGA AMASOKO**

Ubuyobozi bw'Ishuri Ryisumbuye rya MUSHUBI bufatanyije na Komite y'Akanama gashinzwe gutanga amasoko, burashaka gutanga amasoko yo kugemura ibiribwa by'abanyeshuri biramba binyura mu nganda, ibiramba bitanyura mu nganda n'ibitaramba, inkwi n'ibikoresho binyuranye (byo mu biro, iby'imfashanyigisho n'iby'isuku) by' igihembwe cya mbere cy'umwaka w'amashuri wa **2026-2027**.
Abemerewe gupiganira ayo masoko ni ba Rwiyemezamirimo babishoboye, bujuje ibisabwa kandi basanzwe bakora ako kazi. Abifuza gupiganira ayo masoko bashobora gusanga amabwiriza agenga ipiganwa mu bunyamabanga bw'iryo shuri guhera tariki ya **10/07/2026** kandi bayahabwa berekanye bordereau bishyuriyeho amafaranga ibihumbi bitanu (**5000 Frws**) adasubizwa kuri konti z'ishuri zikurikira: **100000516467** iri muri Banki ya Kigali, **477334931810127** iri muri Banki y'abaturage, **91786** iri mu Umwalimu SACCO, **126259** iri mu ISHEMA SACCO NYAMAGABE (MUSHUBI BRANCH, E.S MUSHUBI). Amafaranga **5000** yishyurwa kuri buri bwoko bw'isoko yifuza gupiganira (Upigana ni we uhitamo isoko cyangwa amasoko apiganira).
Amabaruwa afunze neza arimo impapuro zuzujeho ibiciro n'ibindi byangombwa bisabwa agomba kugera mu bunyamabanga bw'Ishuri Ryisumbuye rya MUSHUBI bitarenze tariki ya **24/07/2026** i saa yine n'igice za mu gitondo (**10h30**).
Kuri uwo munsi kandi niho amabaruwa azafungurirwa mu ruhame mu cyumba cy'inama cy'iryo shuri i saa tanu za mugitondo (**11h00**). Ku bindi bisobanuro mushobora guhamagara kuri telefoni **Nº 0788811275** cyangwa **0788560502.**

Bikorewe i Mushubi, ku wa **30/06/2026.**

**UWIZEYIMANA Dinah**

Umuyobozi w'Ishuri Ryisumbuye rya MUSHUBI

## ITANGAZO RYO KUMENYESHA

Repubulika y'u Rwanda
**Ubutegetsi bw'Ubucamanza**

***Ibiro bya Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga***

**ICYEMEZO CYA PEREZIDA GITEGEKA UMUBURANYI UDAFITE AHO ABARIZWA HAZWI KUZA KUBURANA URUBANZA RWE**

Umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri na gatandatu, umunsi wa 30, Ukwezi kwa Kamena ;

Twebwe, MUKANTAGANZWA Domitilla, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, dufashijwe na RUKUNDAKUVUGA Jean Marie Olivier, Umwanditsi Mukuru w'urwo Rukiko ;

Tumaze kubona ko urubanza rufite Nº RS/INJUST/RC 00030/2024/SC, NIYONZIMA Jean Félix na EVERGREEN TREATMENT Ltd baregamo DABA SUPPLIERS Ltd, rwagobokeshejwemo ASIA AND AFRICA UNITED COMPANY Ltd, ruzaburanishwa n'uru Rukiko ;

Tumaze kubona ko ASIA AND AFRICA UNITED COMPANY Ltd idafite aho ibarizwa hazwi mu Rwanda cyangwa mu mahanga;

Dushingiye Itegeko Nº 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, nk'uko ryahinduwe; cyane cyane ku ngingo ya 45, iya 46 n'iya 47 igika cya 3 ;

Dutegetse ko ASIA AND AFRICA UNITED COMPANY Ltd yitaba Urukiko rw'Ikirenga ku wa 02/11/2026 saa tatu za mugitondo (09h00), ikanagaragaza umurongo wa interineti izajya imenyesherezwaho ibijyanye n'uru rubanza ;

Dutegetse ko ihamagara rya ASIA AND AFRICA UNITED COMPANY Ltd rimanikwa ku Rukiko rw'Ikirenga ahagenewe kumanikwa amatangazo; no ku byicaro by'Inkiko zisumbuye zose mu gihe cy'amezi 2.

Kopi y'iri hamagara izayisanga mu Bwanditsi bw'Urukiko rw'Ikirenga.

Iki cyemezo gitangajwe mu Kinyamakuru IMVAHO NSHYA.

Bikorewe mu Biro byacu, ku munsi, ukwezi n'umwaka byavuzwe haruguru.

Digitally signed by SC(Chief Justice) Date: 2026.06.30 19:23:05 +02'00'

Digitally signed by SC(Chief Registrar) Date: 2026.06.30 19:42:03 +02'00'

**MUKANTAGANZWA Domitilla** — **Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga**

**RUKUNDAKUVUGA J.M Olivier** — **Umwanditsi Mukuru w'Urukiko rw'Ikirenga**

## ITANGAZO RY'ISOKO

**GROUPE SCOLAIRE DE GAHINI**
**P.O. Box 88 Rwamagana**
**KAYONZA District – EASTERN Province**
Email : gsgahini@gmail.com

**ITANGAZO RY'ISOKO**

Mu rwego rwo kwitegura itangira ry'Umwaka w'amashuri 2026-2027, Ikigo cya Groupe Scolaire de Gahini kirifuza gutanga amasoko akurikira :

1. Isoko ry'inkwi,
2. Ahajya hagurwa ibikoresho by'ubwubatsi, amazi n'amashanyarazi
3. Garage yajya ikora imodoka y'ikigo
4. Ahajya hagurwa ibikomoka kuri peteroli(Station)
5. Uwajya aconga ubusitani bw'ikigo akoresheje imashini yabugenewe.
6. Uwajya akora Photocopieuses,computers na printers by'ikigo.
7. Uwajya atera imiti yica udukoko mu kigo
8. Abashyirwa ku rutonde rwo gukora imirimo yo gusana inyubako z'ikigo.

Ibitabo bikubiyemo amabwiriza y'aya masoko yose biraboneka mu bunyamabanga bw'ishuri guhera taliki 20/07/2026 mu masaha y'akazi hamaze kwishyurwa amafaranga 5,000 adasubizwa kuri Konti ya Groupe Scolaire de Gahini Nº 100000382323 ifunguye muri Banki ya Kigali (BK).
Inyandiko zipiganira aya masoko zigomba kuba zageze mu bunyamabanga bw'ishuri bitarenze taliki 11/08/2026 ya saa yine za mu gitondo (10h00). Gufungura inyandiko z'abapiganwe bikaba biteganijwe kuri uwo munsi saa yine n'igice (10h30) mu ruhame.

Bikorewe I Gahini, kuwa 10/07/2026

KAREMANGINGO Luke
Umuyobozi wa G.S. Gahini

## ITANGAZO RY'ISOKO

**ITANGAZO**

Ubuyobozi bw'ishuri rya GS REMERA RUKOMA riri mu murenge wa Rukoma mu karere ka Kamonyi , bufatanije n'akanama gashinzwe gutanga amasoko bunejejwe no kumenyesha abantu bose babishaka kandi **babifitiye ubushobozi ko bwifuza gutanga isoko ryo kugemura ibiribwa n'Imyambaro y'ishuri bizakenerwa mu** gihembwe cya mbere cy'umwaka w'amashuri wa 2026- 2027. Inyandiko ikubiyemo ibisobanuro birambuye kuri iryo soko iboneka mu bunyamabanga bw'iryo shuri guhera ku wa kane tarikiya 09/ 07/2026 kugeza ku wa gatanu tariki ya 07/08/2026 saa kumi z'umugoroba, hamaze kwishyurwa amafaranga ibihumbi icumi adasubizwa **(10.000frw) ashyirwa kuri konti nº** 00056-000025-94-60 iri muri Banki ya Kigali (BK). Ababyifuza bose kandi babifitiye ubushobozi basabwe kuzaba bagejeje ibiciro byabo mu bunyamabanga bw'ishuri mu mabaruwa afunze neza kuwa mbere tariki ya 10/08/2026 saa tatu n'igice za mu gitondo. Amabaruwa azafungurwa ku mugaragaro uwo munsi saa yine za mu gitondo. Uwakenera ibindi bisobanuro yahamagara kuri telefoni nº 0788410325 cyangwa 0788735859.

Bikorewe i Rukoma kuwa 09/ 07 / 2026

**Umuyobozi w'ishuri rya G.S Remera Rukoma**

**RUHIGANDE Aaron**

## ITANGAZO RY'ISOKO

**REPUBULIKAY'URWANDA**

**INTARA Y'AMAJYEPFO**

**AKARERE KA KAMONYI**

**ISHURI RYISUMBUYE RYA RUTOBWE**

**Tél:0788477647**

**ITANGAZO RYO KUMENYESHA**

Ubuyobozi bw'**Ishuri Ryisumbuye rya Rutobwe**,riherereye mu **Ntara y'Amajyepfo**, **Akarere ka Kamonyi,Umurenge wa Kayumbu**,buramenyesha abantu bose babishoboye kandi bujuje ibyangombwa bisabwa ko iryo shuri ryifuza gutanga isoko ryo kugemura ibiribwa bizatunga abanyeshuri mu mwaka w'amashuri wa 2026-2027.

Igitabo gikubiyemo amabwiriza na **"Lots"** zigize iryo soko kiboneka mu bunyamabanga bw'ishuri,guhera kuwa gatatu taliki ya **15/07/2026** hamaze kwerekanwa urupapuro rwishyuriweho amafaranga ibihumbi icumi **(10,000 Frw)** ,adasubizwa kuri konti no **00056-00002286-43** iri muri Banki ya Kigali,cyangwa kuri konti no **441321920510112** iri muri Banki y'Abaturage y'u Rwanda . Italiki ntarengwa yo kugeza amabaruwa akubiyemo ibiciro ku cyicaro cy'ishuri ni ku wa **gatanu,taliki ya 07/08/2026** saa tatu n'igice za mu gitondo **(09h30).**Gufungura amabaruwa bizabera mu ruhame kuri uwo munsi i saa yine za mu gitondo **(10h00)** ku cyicaro cy'ishuri.

**Bikorewe i Rutobwe,kuwa 07/07/2026**

**HAKIZIMANA Jean Damascène**

**Umuyobozi w'Ishuri**

## ITANGAZO RY'ISOKO

**NYAGATARE SECONDARY SCHOOL**
P.O.BOX: 25 NYAGATARE, *E-mail:nshekeschool@yahoo.com*
TEL: 0788761944

**TENDER NOTICE**

The *Nyagatare Secondary School* invites eligible bidders to submit bids for the supply of

- General Maintenance and Rehabilitation.

Tender Documents in *English* may be obtained from *Nyagatare Secondary School office* upon presentation of proof of payment of a non-refundable fee of Ten thousand Rwandan francs (10,000Rwf) to Account N° 0005807728927-09 of *Nyagatare Secondary School* opened in Bank of Kigali.

Compulsory site visit on the Tender of General Maintenance and Rehabilitation is scheduled on 21/07/2026 at 14:00PM. Tender Documents may be obtained on any working day from *Nyagatare Secondary School office from 08/07/2026.* Well printed bids, properly bound and presented in four copies one of which is the original must reach the *Nyagatare Secondary School* office not later than 30/07/2026 at 11:00 am. Late bids will be rejected and returned unopened.

Bids will be opened in the presence of bidders or their representatives who choose to attend at the Staff room, on 30/7/2026 at 11:30am. The Outer envelope should clearly indicate the tender name. The original tender documents are prepared on his/her bid in a language of his/her choice (English, French and Kinyarwanda).

Done at Nyagatare 6th July 2026.

MUSHATSI Claver Head Teacher Nyagatare Secondary School Tel: 0788761944

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

**AITANGAZO RYA CYAMUNARA**

KUGIRANGO HASHYIRWE MU BIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU/RDB No : Ref.Nº: **026-0119157** cyo kuwa **19/05/2026, KUGIRANGO HISHYURWA UMWENDA WA BANKI UWASHINZWE KUGURISHA INGWATE Me MUDAHEMUKA Barahira Johnson ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MU CYAMUNARA UMUTUNGO UTIMUKANWA UGIZWE N'INZU IRI MU KIBANZA KIBARUYE KURI UPI: 5/01/03/06/194** IHEREREYE MU MUDUGUDU WA BYIMANA MU KAGARI KA RUHIMBI, UMURENGE WA GISHALI, AKARERE KA RWAMAGANA, MU BURASIRAZUBA

| CYAMUNARA | UMUNSI/UKWEZI | UMWAKA | ISAHA |
|---|---|---|---|
| KU NSHURO YA GATATU. | 10/07 kugeza 17/07 | 2026 | saa Munani z'amanywa (14:00Hrs) |

- UBUSO BW'UBUTAKA NI: 719SQM²
- UFITE AGACIRO KANGANA NA 49,503,000**Fwf.** USHAKA GUPIGANWA ATANGA IBICIRO ANYUZE KU RUBUGA www.cyamunara.gov.rw RW'INYANDIKO MPESHA ZIRANGIZWA ARI NARWO CYAMUNARA IBERAHO.
- UPIGANWA KWEGUKANA UWO MUTUNGO AGOMBA GUTANGA 5% BY'AGACIRO KUWO MUTUNGO NK'INGWATE Y'IPIGANWA ANGANA NA **2,475,150 Rwf** BINYUZE MURI SYSTEM CYAMUNARA IBERAMO.
- IBICIRO BY'ABAPIGANWE BIZATANGAZWA TALIKI YA **29/06/2026** /SAA MUNANI Z'AMANYWA (14H00) NIHATAGIRA UTSINDIRA UWO MUTUNGO CYAMUNARA IZAKOMEZA NKUKO INGENGABIHE IBIGARAGAZA.
- GUSURA UWO MUTUNGO BIZAKORWA BURI MUNSI KUVA KU WA **22/06/2026** MU MASAHA Y'AKAZI

UZATSINDA MURI CYAMUNARA AZISHYURA KURI KONTI **Nº: 7075311** YA **MUDAHEMUKA Barahira Johnson** IRI MURI ZIGAMA CSS. AMAFOTO N'IGENAGACIRO BYAWO BIBONEKA KU RUBUGA RW'IMANZA ZIRANGIZWA www.cyamunara.gov.rw.
USHAKA IBINDI BISOBANURO YAHAMAGARA TELEPHONE IKIRURIKIRA: **0788854928.**
BIKOREWE I KIGALI, KU WA **09/07/2026.**
Me MUDAHEMUKA Barahira Johnson

UWASHINZWE KUGURISHA INGWATE:

Me Barahira MUDAHEMUKA Johnson Appointed Receiver Tel:0788854928

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

**ITANGAZO RYA CYAMUNARA**

KUGIRANGO HASHYIRWE MU BIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU/RDB No : Ref.Nº: **026-0117618** cyo kuwa **18/05/2026, KUGIRANGO HISHYURWA UMWENDA WA BANKI UWASHINZWE KUGURISHA INGWATE Me MUDAHEMUKA Barahira Johnson ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MU CYAMUNARA UMUTUNGO UTIMUKANWA UGIZWE N'INZU IRI MU KIBANZA KIBARUYE KURI UPI: 4/02/16/04/1923** IHEREREYE MU MUDUGUDU WA CYAHAFI MU KAGARI KA MUCACA, UMURENGE WA NEMBA, AKARERE KA GAKENKE, MU MUJYARUGURU

| CYAMUNARA | UMUNSI/UKWEZI | UMWAKA | ISAHA |
|---|---|---|---|
| KU NSHURO YA GATATU. | 10/07 kugeza 17/07 | 2026 | saa Munani z'amanywa (14:00Hrs) |

- UBUSO BW'UBUTAKA NI: 821SQM²
- UFITE AGACIRO KANGANA NA 22,154,400**Fwf.** USHAKA GUPIGANWA ATANGA IBICIRO ANYUZE KU RUBUGA www.cyamunara.gov.rw RW'INYANDIKO MPESHA ZIRANGIZWA ARI NARWO CYAMUNARA IBERAHO.
- UPIGANWA KWEGUKANA UWO MUTUNGO AGOMBA GUTANGA 5% BY'AGACIRO KUWO MUTUNGO NK'INGWATE Y'IPIGANWA ANGANA NA **1,107,720 Rwf** BINYUZE MURI SYSTEM CYAMUNARA IBERAMO.
- IBICIRO BY'ABAPIGANWE BIZATANGAZWA TALIKI YA **29/06/2026** /SAA MUNANI Z'AMANYWA (14H00) NIHATAGIRA UTSINDIRA UWO MUTUNGO CYAMUNARA IZAKOMEZA NKUKO INGENGABIHE IBIGARAGAZA.
- GUSURA UWO MUTUNGO BIZAKORWA BURI MUNSI KUVA KU WA **22/06/2026** MU MASAHA Y'AKAZI

UZATSINDA MURI CYAMUNARA AZISHYURA KURI KONTI **Nº: 7075311** YA **MUDAHEMUKA Barahira Johnson** IRI MURI ZIGAMA CSS. AMAFOTO N'IGENAGACIRO BYAWO BIBONEKA KU RUBUGA RW'IMANZA ZIRANGIZWA www.cyamunara.gov.rw.
USHAKA IBINDI BISOBANURO YAHAMAGARA TELEPHONE IKIRURIKIRA: **0788854928.**
BIKOREWE I KIGALI, KU WA **09/07/2026.**
Me MUDAHEMUKA Barahira Johnson

UWASHINZWE KUGURISHA INGWATE:

Me Barahira MUDAHEMUKA Johnson Appointed Receiver Tel:0788854928

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

KUGIRANGO HASHYIRWE MU BIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU/RDB No : Ref.Nº: **026-145353** cyo kuwa **11/06/2026, KUGIRANGO HISHYURWA UMWENDA WA BANKI UWASHINZWE KUGURISHA INGWATE Me MUDAHEMUKA Barahira Johnson ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MU CYAMUNARA UMUTUNGO UTIMUKANWA UGIZWE N'INZU IRI MU KIBANZA KIBARUYE KURI UPI: 1/03/08/04/984** IHEREREYE MU MUDUGUDU WA GITARAGA MU KAGARI KA GITARAGA, UMURENGE WA MASAKA, AKARERE KA KICUKIRO, MU MUJYI WA KIGALI

| CYAMUNARA | UMUNSI/UKWEZI | UMWAKA | ISAHA |
|---|---|---|---|
| KU NSHURO YA MBERE. | 07/07 kugeza 14/07 | 2026 | saa Munani z'amanywa (14:00Hrs) |
| KU NSHURO YA KABIRI. | 16/07 kugeza 23/07 | 2026 | saa Munani z'amanywa (14:00Hrs) |
| KU NSHURO YA GATATU. | 25/07 kugeza 1/08 | 2026 | saa Munani z'amanywa (14:00Hrs) |

- UBUSO BW'UBUTAKA NI: **674SQM²**
- UFITE AGACIRO KANGANA NA **59,934,701Fwf.** USHAKA GUPIGANWA ATANGA IBICIRO ANYUZE KU RUBUGA www.cyamunara.gov.rw RW'INYANDIKO MPESHA ZIRANGIZWA ARI NARWO CYAMUNARA IBERAHO.
- UPIGANWA KWEGUKANA UWO MUTUNGO AGOMBA GUTANGA 5% BY'AGACIRO KUWO MUTUNGO NK'INGWATE Y'IPIGANWA ANGANA NA **2,996,735 Rwf** BINYUZE MURI SYSTEM CYAMUNARA IBERAMO.
- IBICIRO BY'ABAPIGANWE BIZATANGAZWA TALIKI YA **14/07/2026** /SAA MUNANI Z'AMANYWA (14H00) NIHATAGIRA UTSINDIRA UWO MUTUNGO CYAMUNARA IZAKOMEZA NKUKO INGENGABIHE IBIGARAGAZA.
- GUSURA UWO MUTUNGO BIZAKORWA BURI MUNSI KUVA KU WA 07/**07/2026** MU MASAHA Y'AKAZI

UZATSINDA MURI CYAMUNARA AZISHYURA KURI KONTI **Nº: 7075311** YA **MUDAHEMUKA Barahira Johnson** IRI MURI ZIGAMA CSS. AMAFOTO N'IGENAGACIRO BYAWO BIBONEKA KU RUBUGA RW'IMANZA ZIRANGIZWA www.cyamunara.gov.rw.
USHAKA IBINDI BISOBANURO YAHAMAGARA TELEPHONE IKIRURIKIRA: **0788854928.**
BIKOREWE I KIGALI, KU WA **28/06/2026.**
Me MUDAHEMUKA Barahira Johnson

UWASHINZWE KUGURISHA INGWATE:

Me Barahira MUDAHEMUKA Johnson Appointed Receiver Tel:0788854928

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

# CYAMUNARA RWANDA LTD

**Tin : 111531653 / Tel : 0787334130 / NYARUGENGE-KIGALI**
www.cyamunararwanda.rw / **Email :** cyamunararwanda@gmail.com

**ITANGAZO RYA CYAMUNARA Y'IMODOKA TOYOTA HILUX VIGO**

**CYAMUNARA RWANDA LTD**, sosiyete ya mbere mu gutegura no kuyobora cyamunara mu Rwanda, ibiherewe ububasha na ASSOCIATION MABAWA ASBL,iramenyesha abantu bose babishaka kandi babifitiye ubushobozi ko **ku wa kabiri, tariki ya 14/07/2026, saa 13:00** , hazagurishwa mu **Cyamunara Rusange (Live Public Auction)** imodoka:

| LOT | VEHICLE IDENTIFICATION | YEAR OF MANUFACTURE | PLATE Nº |
|---|---|---|---|
| 1 | TOYOTA HILUX VIGO<br><br>CHASSIS Nº:AHTKB8CD202980709 | 2021 | IT 736 RG |

**Aho Cyamunara Izabera**

**SAINT FAMILLE-KIGALI muri parking ya CYAMUNARA RWANDA**, ari naho gusura imodoka bikorerwa.

### Amabwiriza Agenga Cyamunara

- Cyamunara izakorwa mu ruhame hifashishijwe **ipiganwa ry'ibiciro mu magambo (Live Auction)**, aho uhabwa imodoka ari utanze igiciro kiri hejuru.
- Uwifuza kwitabira cyamunara asabwa kwishyura cah cg cheki izigamiye miliyoni ebyiri 2,000,000 Rwf aherwaho mu kwishyura,asubizwa kutaguze.
- Uwegukanye imodoka asabwa kwishyura amafaranga yose bitarenze iminsi itatu ikurikira uwo cyamunara yabereyeho ndetse akishyura **Dédouanement mbere yo kuyitwara.**
- Uguze imodoka asabwa kuyitwara bitarenze iminsi 2 ikurikira cyamunara atabyubahiriza agasabwa kwishyura 10,000 RWF y'uburinzi buri munsi.

**Icyitonderwa**

1. Amafoto y'imodoka n'andi matangazo ya cyamunara biboneka kuri:
   🌐 www.amatangazo.com
2. Ushaka kugurisha ibikoresho, ibinyabiziga, imashini, ibibanza, inyubako cyangwa indi mitungo mu buryo bwihuse, buboneye kandi butanga umusaruro mwiza, twandikire cyangwa uduhamagare:0787334130/0788822147

**Bikorewe i Kigali, ku wa 09/07/2026**

**NDEREYIMANA Mathias**

**Umuyobozi Mukuru**

**CYAMUNARA RWANDA Ltd**

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

**CYAMUNARA RWANDA LTD**

Tin : 111531653 / Tel : 0787334130 / NYARUGENGE-KIGALI

www.cyamunararwanda.rw / Email : cyamunararwanda@gmail.com

**ITANGAZO RYA CYAMUNARA Y'IMITUNGO YIMUKANWA**

**CYAMUNARA RWANDA LTD**, sosiyete ya mbere mu Rwanda mu gutegura no kuyobora cyamunara, ibiherewe ububasha na nyir'imutungo, iramenyesha abantu bose babishaka kandi babifitiye ubushobozi ko **ku wa Gatanu, tariki ya 31/07/2026, saa 11:00 za mu gitondo**, hazagurishwa mu **Cyamunara Rusange (Live Public Auction)** ibikoresho bikurikira:

| No | IBIGURISHWA | INGANO |
|---|---|---|
| 1 | Matela | 139 |
| 2 | Ibitanda | 74 |
| 3 | Utubati,etagere,intebe,n;ibindi | FF |

**Aho Cyamunara Izabera**

**KAGUGU,KG762,HOUSE N⁰2**,Kigali,Rwanda ari naho gusura bizakorewa tariki 30/07/2026.

**Amabwiriza Agenga Cyamunara**

- Cyamunara izakorwa mu ruhame hifashishijwe **ipiganwa ry'ibiciro mu magambo (Live Auction)**, aho uhabwa igicuruzwa ari utanze igiciro kiri hejuru.
- Uwegukanye igicuruzwa asabwa **kwishyura amafaranga yose ako kanya** nyuma yo gutsindira ipiganwa.
- Ibikoresho byose bigomba **gutwarwa ako uwo munsi** nyuma yo kwishyura.
- Umuguzi utabasha guhita atwara ibikoresho bye asabwa kwishyura **10,000 Frw kuri buri Lot** buri munsi y'uburinzi n'ububiko kugeza igihe abitwarira.

**Icyitonderwa**

1. Amafoto y'ibigurishwa n'andi matangazo ya cyamunara biboneka kuri: www.amatangazo.com
2. Ushaka kugurisha ibikoresho, ibinyabiziga, imashini, ibibanza, inyubako cyangwa indi mitungo mu buryo bwihuse, buboneye kandi butanga umusaruro mwiza, twandikire cyangwa uduhamagare:0787334130/0788822147

**Bikorewe i Kigali, ku wa 09/07/2026**

**NDEREYIMANA Mathias**

**Umuyobozi Mukuru**

**CYAMUNARA RWANDA Ltd**

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

**ITANGAZO RYA CYAMUNARA**

KUGIRANGO HARANGIZWE ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU MURI RDB GIFITE NUMERO: **Ref. N°.: 026-0134773** cyo kuwa **02/06/2026** CYO KUGURISHA INGWATE MURI CYAMUNARA HAGAMIJWE KWISHYURA UMWENDA WA BANKI;
UWASHINZWE KUGURISHA INGWATE **Mᵉ KARARA Emmanuel** ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MURI CYAMUNARA KU NSHURO YA YAMBERE UMUTUNGO UTIMUKANWA UGIZWE N'INZU ufite **UPI: 1/02/11/06/2132** uherereye mu **Mudugudu wa NYAKAGEZI , Akagari ka RUDASHYA , Umurenge wa NDERA, Akarere ka GASABO , Umujyi wa Kigali ,** KUGIRA NGO HISHYURWE UMWENDA WA BANKI ;
**UKO CYAMUNARA ZIZAKURIKIRANA BINYUZE MU BURYO BW'IKORANABUHANGA:**

| CYAMUNARA | UMUNSI/ UKWEZI CYAMUNARA IZATANGIRIRAHO,I KANARANGIRIRAHO | ISAHA |
|---|---|---|
| INSHURO YA 1 | Guhera tariki ya **13/07/2026 saa munani kugeza tariki ya 20/07/2026 saa munani 14h00** | SAA MUNANI 14H00 |
| INSHURO 2 | Guhera tariki ya **22/07/2026 saa munani kugeza tariki ya 29/07/2026 saa munani 14h00** | SAA MUNANI 14H00 |
| INSHURO YA 3ARI NAYO YA NYUMA | Guhera tariki ya **31/08/2026 saa munani kugeza tariki ya 07/08/2026 saa munani 14h00** | SAA MUNANI 14H00 |

UMUTUNGO UGURISHWA UFITE UBUSO BUNGANA NA **M 5.019** (sqm).UKABA UFITE AGACIRO KANGANA NA ( **50.190.000 Rwf. INGWATE Y'IPIGANYWA INGANA NA 5% N'UKUVUGA 2.509.500 Frw** YISHYURWA KURI KONTI YA MIMIJUSTIN
CYAMUNARA IZAKORWA MU BURYO BW'IKORANABUHANGA, ABIFUZA GUPIGANWA BAZABIKORA BACIYE K'URUBUGA: WWW.CYAMUNARA.GOV.RW.

GUSURA UMUTUNGO BIZAJYA BIKORWA MU MINSI NO MU MASAHA Y'AKAZI.

- ABIFUZA IBINDI BISOBANURO BABARIZA KURI NUMERO YA TELEPHONE IGENDANWA IKURIKIRA: **0788830615**
- IFOTO N'IGENAGACIRO BY'UMUTUNGO UGURISHWA BIBONEKA HAKORESHEJWE UBURYO BW'IKORANABUHANGA RYO KURANGIZA INYANDIKOMPESHA RIBONEKA K'URUBUGA : WWW.CYAMUNARA.GOV.RW

**N.B:** UZABA YATSINDIYE KWEGUKANA UYU MUTUNGO AZISHYURA ACISHIJE UBWISHYU BWE KURI KONTI N°: konti **N° 7081177** yanditse mumazina ya Me **KARARA Emmauel** iri muri **CSS**

BIKOREWE I KIGALI KUWA **30/06/2026**
**Me KARARA Emmanuel**
**Ushinzwe kugurisha ingwate**

Me KARARA Emmanuel
Tel:0788830615
USHINZWE GUCUNGA INGWATE

## ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'UBURENGERAZUBA
AKARERE KA NYAMASHEKE
**GROUPE SCOLAIRE SAINT JOSEPH DE NYAMASHEKE**
B.P 07 NYAMASHEKE.
TEL.: 0788419561 /0785814833
Email: gsstjoseph@gmail.com

**ITANGAZO RYO GUPIGANIRA ISOKO**

Ubuyobozi bw'Urwunge rw'Amashuri rwitiriwe Mutagatifu Yozefu rw'i Nyamasheke ruherereye mu Kagari ka Ninzi, Umurenge wa Kagano, Akarere ka Nyamasheke, Intara y'Uburengerazuba burahamagarira abacuruzi, amasosiyeti n'amakoperative babyifuza kandi babifitiye ubushobozi kuza gupiganira isoko ryo **«kugemura ibiribwa; inkwi; ibikoresho byo mu biro n'imfashanyigisho z'abarezi; ibikoresho by'isuku; ibikoresho by'ubwubatsi, amashanyarazi n'amazi hamwe n'ibikoresho byo ku meza no mu gikoni»** mu mwaka w'amashuri wa 2026-2027.

Abifuza gupiganira iryo soko kandi babifitiye ubushobozi bashobora kuza gufata ibitabo bikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa mu biro by'Ubunyamabanga bw'ishuri guhera ku itariki ya **07/07/2026** saa yine (10h00) za mu gitondo, nyuma yo kwishyura amafaranga ibihumbi icumi y'u Rwanda (10,000 Frws) adasubizwa kuri konti y'Urwunge rw'Amashuri rwitiriwe Mutagatifu Yozefu rw'i Nyamasheke ari yo :
**900-0071899-00 iri muri Cooperative Umwalimu SACCO**

Amabahasha akubiyemo ibiciro kandi afunze neza arimo ibitabo bitatu (umwimerere na kopi 2), bifungiye mu ibahasha imwe, agomba kuba yageze mu bunyamabanga bw' ishuri bitarenze itariki ya **3/08/2026 saa yine (10h00')** za mu gitondo. Gufungura ayo mabahasha bizakorwa kuri uwo munsi, ku itariki ya **3/08/2026** saa yine n'igice **(10h30')** z'amanywa mu cyumba cy'inama cy'ishuri.

Bikorewe i Nyamasheke, ku wa 02/07/2026

**Frère Mathieu NSHIMIYIMANA**
Umuyobozi w'Urwunge rw'Amashuri
rwitiriwe Mutagatifu Yozefu rw'i Nyamasheke

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

**BPIL Law Firm**
**Professional Bailiff Office**
E-mail: bpil.nedi@gmail.com; Phone: +250 788 469 853; KIGALI-RWANDA

**ITANGAZO RYA CYAMUNARA Y'UMUTUNGO UTIMUKANWA PLOT 11824**

MURWEGO RWO GUSHYIRA MU BIKORWA ICYEMEZO CY'URUKIKO KUGIRANGO HARANGIZWE URUBANZA **RS/SCP/RCOM00548/2024/TC** KUGIRANGO HISHYURWE UMWENDA **NGWABIJE BONIFACE** ABEREYEMO **RADIANT INSURANCE COMPANY LTD**

UMUHESHA W'INKIKO W'UMWUGA **Me CLAUDINE BANKUNDIYE** ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO HAZAGURISHWA MU CYAMUNARA UMUTUNGO ITIMUKANWA WA **NGWABIJE BONIFACE** NA **KWIZERA ANITHA** UFITE **UPI : 1/03/01/03/11824** UHEREREYE MU MUDUGUDU WA KABEZA, AKAGARI KA KAREMBURE, UMURENGE WA GAHANGA, AKARERE KA KICUKIRO , UMUJYI WA KIGALI,
UWO MUTUNGO UFITE UBUSO BUNGANA NA **342 SQM,** AGACIRO FATIZO KANGANA NA **17,897,000FRW .**

**IPIGANWA MU CYAMUNARA RITEYE KU BURYO BUKURIKIRA:**

| INCURO/ROUNDS | ITARIKI CYAMUNARA ITANGIRIRAHO | ITARIKI CYAMUNARA IRANGIRIRAHO | ISAHA |
|---|---|---|---|
| **Round 1** | **13/07/2026** | **20/07/2026** | **11H00 ' AM** |
| Round 2 | 22/07/2026 | 29/07/2026 | 11H 00 'AM |
| Round 3 | 31/07/2026 | 07/08/2026 | 11H 00' AM |

IPIGANWA RIKORWA HIFASHISHIJWE UBURYO BW'IKORANABUHANGA, KU RUBUGA www.cyamunara.gov.rw ARI NAHO MUZASANGA IFOTO N'IGENAGACIRO BY'UMUTUNGO.

UPIGANWA MURI CYAMUNARA AGOMBA KUBANZA KWISHYURA INGWATE Y'IPIGANWA INGANA NA **5%** Y'AGACIRO K'UMUTUNGO UGURISHWA ANGANA NA **894,850 FRW,** YISHYURWA HIFASHISHIJWE UBURYO BW'IKORANABUHANGA URUBUGA WWW.CYAMUNARA.GOV.RW ARI NAHO HAKOMOKA KODE YO KWISHYURIRAHO

UWATSINDIYE UMUTUNGO MURI CYAMUNARA AMAFARANGA AZAYISHYURA KURI KONTI **N⁰ 100250096687** IFUNGUYE MURI BANKI YA KIGALI **(BK)** MU MAZINA YA **PBA/IRANGIZWA RY'INYANDIKOMPESHA**

GUSURA UWO MUTUNGO BIKORWA BURI MUNSI MU MASAHA Y'AKAZI.

KUBINDI BISOBANURO MWABARIZA KURI NIMERO YA TELEPHONE:**0788469853**
**BIKOREWE I KIGALI KUWA 10/07/2026**

**Me CLAUDINE BANKUNDIYE**
**UMUHESHA W'INKIKO W'UMWUGA**

Me BANKUNDIYE Claudine
UMUHESHA W'INKIKO W'UMWUGA
TEL : 0788 469 853
E-mail: claubank1973@gmail.com

**TIN: 119771584** **Kigali – Rwanda -Nyarugenge –Nyamirambo**

# Ishusho y'Igitaramo cya Iwacu Muzika Festival cyabereye i Karongi



**Chriss Eazy ni we washyize akadomo ku gitaramo cya Iwacu Muzika Festival i Karongi**


**MICOMYIZA BALINDA Fidele**

***Akarere ka Karongi ni ko kari gatahiwe n'ibitaramo bya Iwacu Muzika Festival nyuma y'uko binyuze nu Turere twa Huye, Ngoma ndetse na Muhanga, ku wa 11 Nyakanga 2026 bikaba byabereye kuri Sitade ya Rubengera maze abaturage biganjemo urubyiruko bagasusurutswa n'abahanzi batandukanye bakunzwe mu Rwanda.***

Ahagana saa munani ni bwo igitaramo cyatangiye, Umuhanzi akaba n'Umucuranzi ufite ubumuga bw'uruhu Mugaara Aubea, abanza gutaramira abitabiriye iki gitaramo aho yaririmbye zimwe mu ndirimbo ze zikunzwe nka Birasanzwe ndetse na Gakondo abakunzi b'umuziki berekana ko bishimiye impano ye.

Nyuma ya Mugaara Aubea, MC Buryohe na Bianca Baby bageze ku rubyiniro kuri Stade ya Rubengera batangira gushyushya abitabiriye igitaramo cya "Iwacu Muzika Festival 2026",

Nk'umwe mu baterankunga bibi bitaramo, BPR Bank Rwanda Plc yari ku kibuga cya Mbonwa aho abakozi bayo bafashaga abitabiriye igitaramo kubona no gusobanukirwa byinshi kuri serivisi z'imari zitangwa n'iki kigo gikorera mu bice byose by'Igihugu.



**Bruce Melody yatanze ibyishimo ku bitabiriye igitaramo cya Iwacu Muzika Festival 2026 i Karongi mu ndirimbo "Karibu Nyumbani" n'izindi**

Amalon yaje yishimirwa n'abakunzi be aho yaririmbye indirimbo zitandukanye zirimo "Impunzi", "Karibu Nyumbani" yakoranye na Bruce Melody, Rider man n'abandi, "Impanga" muri kositime y'umukara n'isengeri y'umweru, n'inkweto zizwi nka Congo, abafana bakomeza kumwereka urukundo.

"Byakubaho", "Derila" na "N'Imana" ni izindi ndirimbo uyu muhanzi yaririmbye mbere yo gusoreza kuri "Nyirabasare".

Ross Kana ni we wari utahiwe, maze mu ndirimbo ze zirimo "Fou de Toi" yakoranye na Element na Bruce Melody, Mami, Sesa, ndetse

Hagenimana Jean Paul uzwi nka Bushali yari yambaye ikabutura y'ikoboyi ijya gusa n'umukara n'umupira w'amaboko magufi w'umukara.

Kenny Sol yaje ku rubyiniro abakunzi be bamutegerezanyije ubwuzu kuko bari batangiye na Molela abasha guhagurutsa abafana be bamufasha kuririmba karahava.

Umuhanzikazi Marina ubwo yinjiraga ku rubyiniro yinjiriye mu ndirimbo "Marina" yakoze mu 2017, akomereza ku zindi zikunzwe nka " To Much" yahuriyemo na Jay Polly, Urban Boyz , Bruce Melodie ndetse na Uncle Austin, "Agafoto" yahuriyemo n'abarimo Phil Peter, n'izindi

Kivumbi King ubwo yinjiraga ku rubyiniro yinjiriye mu magambo ari mu ndirimbo "Hanze" agira ati: "Nuza gutinda urasanga byarangiye!", akomereza ku ndirimbo Kirigute yakoranye na Bob Pro ndetse na Juno Kizigenza, "Yarampaye" yakoranye na Kirikou Akili wo mu Burundi, Kamwe, ndetse na Wait yakoranye na Axon. Aha yongeye gushimangira ko ari umuhanzi mwiza wo kwitega mu minsi iri imbere.

Nkibisanzwe iyo Bushali ageze ku rubyiniro, yigaruriye imitima y'abakunzi b'Umuziki ubwo yaririmbaga indirimbo "Kamwe", bihindura isura ubwo yageraga kuri "Meterese" yakoranye na Yampano n'izindi.

gusakuza basaba ko yaza akabasusurutsa; yaje mu ndirimbo zitandukanye zitimo Jolie, Umurego, Molomita, n'izindi abafana namufashije kuzibyina ageze kuri "Haje Gushya" ikirere cyuzura ivumbi kubera uko abakunzi bayo bitereraga hejuru.

Saa kumi n'ebyiri zishyira saa moya, Umuhanzi Itahiwacu Bruce wamamaye nka Bruce Melodie wari umuhanzi w'umushyitsi nk'uko biri muri gahunda y'uyu mwaka ko aho igitaramo cyabereye hagomba kuza umuhanzi umwe mu batwaye PGGSS yari ageze ku rubyiniro, aririmba izirimo, Selebula yakoze mu 2023, Ikinya, Ikinyafu.

Byageze hafi saa moya zirengaho iminota mike yabwiye abakunzi be ati: "Muribuka ko indirimbo Saa Moya nayikoreye inaha, ni mwe mwanyinjije mu bintu by'amashusho muri COVID-19 gake gake, ibi byatumye abakunzi be barushaho kumwishimira ni ko guhita abaririmbira Karibu Nyumbani yakoranye na Zizou Alpacino, n'abandi bahanzi batandukanye barimo Rider Man.

Saa moya n'iminota 40, Davis D yari ageze ku rubyiniro, yakirwa nk'umwami nkuko akunze kwiyita Umwami w'Abana cyangwa se Umwami w'Amajyepfo. Yinjiriye mu ndirimbo Biryogo, Ifarashi, ageze kuri Bermuda Bushali yaje kumushyigikira barayiririmbana.

Yageze hagati ati: "Ndashimira EAP, ndashimira MTN, ndashimira Primus ni bo batumye twese tuba turi hano", yasabye abakunzi be gucana amatoroshi ya telefone zabo mu gihe yari agiye kubaririmbira indirimbo yise "Itara" yanditse ubwo yari mu buroko.

Saa mbili n'iminota 20 Chris Eazy yari ageze ku rubyiniro, byose bisa nk'aho ari bwo bigitangira, mu maso y'abafana nta munaniro na muke wagaragaragamo, utitaye ko batangiye kubyina ku gicamunsi ntibigeze bacika intege, wabonaga ko biteguye gushyira akadomo kuri iki gitaramo uko byagenda kose.

Nyuma yo kwinjirira muri "Edeni", yaririmbye izirimo Basi Sorry, Fasta, Sampe yakoranye na Danny Nanone, Bana yakoranye na Shaffy, Jugumila n'izindi, abakunzi be bakomeza kumufasha kubyina no kuririmba. Yakurikijeho "Bana" na "Jugumila" yasorejeho, aba ari na yo ndirimbo ya nyuma iririmbwe muri iki gitaramo.

Ibitaramo bya "Iwacu Muzika Festival" byabereye mu Karere ka Karongi nyuma yo kunyura mu Turere twa Huye, Ngoma na Muhanga bikazakomereza i Nyagatare, i Musanze birangirire i Rubavu ku wa 1 Kanama 2026.

# Girumugisha yatowe nk'umukinnyi wahize abandi muri shampiyona y'u Rwanda 2025/26



**Girumugisha Jean Claude yatowe nk'umukinnyi mwiza wa Shampiyona y'u Rwanda ya 2025/26**



**Girumugisha yashyikirijwe imdoka yo mu bwoko bwa KIA Sorento ifite agaciro ka Miliyoni 15 z'amafaranga y'u Rwanda**



**Bamwe mu bagize ikipe y'umwaka ya Shampiyona y'u Rwanda 2025-26**

**SHEMA Ivan**

***Umurundi Girumugisha Jean Claude ukinira Al Hilal SC ni we watowe nk'umukinnyi wahize abandi muri shampiyona y'u Rwanda mu mwaka w'imikino wa 2025/26, ahembwa imodoka ya miliyoni 15 Frw.***

Uyu muhango wo guhemba abakinnyi, abatoza bitwaye neza muri shampiyona y'u Rwanda mu mwaka w'imikino wa 2025/26 wabaye ku mugoroba wo kuri iki Cyumweru tariki ya 12 Nyakanga 2026, kuri Marriott Hotel.

Ni igikorwa cyitabiriwe n'abayobozi mu nzego z'umupira w'amaguru, amakipe, abakanyujijeho n'abandi banyuranye.

Ibi bihembo byatanzwe ku nshuro ya Gatatu n'ubuyobozi bwa Rwanda Premier League binyuze mu baterankunga bayo biyemeje kujya bahemba abakinnyi n'abatoza mu mwaka w'imikino.

Umukinnyi watsinze ibitego byinshi yabaye Umunya- Burkina Faso Djibril Ouattara, ukinira APR FC winjije ibitego 18.

Umutoza mwiza w'umwaka yabaye Umunya-Roumania, Laurențiu Reghecampf watozaga Al-Hilal SC mu gihe Umunyezamu mwiza w'umwaka yabaye Desire James w'Ikipe ya Kiyovu Sports.

Igitego cy'umwaka cyabaye icya Rutonesha Hesbon ukinira Gorilla FC ubwo yakinaga na Al-Merrikh naho umukinnyi mwiza muto w'umwaka yabaye Umunya-Liberia Emmanuel Flomo w'Ikipe ya Al-Hilal SC.

Umukinyi mwiza w'umwaka yabaye Umurundi Girumugisha Jean Claude ukinira Al Hilal SC ndetse ahabwa igihembo cy'imodoka ya miliyoni 15 Frw.

Uyu mukinnyi w'Umurundi yatsinze ibitego icyenda, atanga imipira irindwi yavuyemo ibindi bitego kuri bagenzi be.

Ni igihembo yari ahataniye na Mbonyumwami Taiba wa Marine FC, Madické Kane bakinana muri Al-Hilal n'abakinnyi babiri ba APR FC ari bo Djibril Ouattara na Byiringiro Jean Gilbert.

Ikipe y'umwaka ya Rwanda Premier League 2025/26

Umunyezamu: James Desire (Kiyovu Sports)

Ba myugariro: Byiringiro Jean Gilbert (APR FC), Ernest Luzolo Nsita (Al-Hilal), Mohamed Saeed Ahmed (Al-Hilal), Daba Sogoba (Al-Merrikh).

Abakina hagati: Madicke Kane (Al-Hilal), Joseph Sackey (Mukura VS) na Jules Razafimaro (Al-Merrikh).

Ba rutahizamu: Girumugisha Jean Claude (Al-Hilal), Djibril Ouattara (APR FC) na Mbonyumwami Taiba (Marine FC).

Biteganyijwe ko Shampiyona y'u Rwanda ya 2026/27 izatangira tariki 4 Nzeri 2026.

Imvaho Nshya
# Siporo




Nº. E-66 TARIKI 7-13 NYAKANGA 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# Patel yegukanye Rwanda Mountain Gorilla Rally ku nshuro ya kane

**SHEMA Ivan**

***Umunya-Kenya, Karan Patel ukinana na Khan Taussef yegukanye isiganwa ry'imodoka rya Rwanda Mountain Gorilla 2026, ku nshuro ya kane mu gihe Kanangire Christian ari we Munyarwanda rukumbi warisojе anaba uwa mbere mu bakina mu Cyiciro cya Kabiri cya Shampiyona Nyafurika (ARC2).***

Rwanda Mountain Gorilla Rally yakinwaga ku nshuro yayo ya 26 yasojwe ku Cyumweru tariki ya 12 Nyakanga 2026, nyuma y'iminsi itatu yari imaze ikinirwa mu mihanda ya Kigali n'iya Bugesera.

Iri rushanwa ryateguwe n'Ishyirahamwe ry'Imikino y'Imodoka mu Rwanda (RAC), rifatanyije n'Ishyirahamwe ry'Imikino y'Imodoka ku Isi (FIA).



**Umunya-Kenya, Karan Patel yegukanye isiganwa ry'imodoka rya Rwanda Mountain Gorilla 2026**

Iri rushanwa riri ku ngengabihe y'amarushanwa ya Shampiyona ya Afurika mu byiciro, ryahatanyemo imodoka 30, harimo 12 zakinnye ku munsi wa nyuma mu byiciro bitandukanye muri iyi shampiyona.

Umunsi wa nyuma wari ugizwe n'uduce dutandatu tureshya n'ibilometero 94,2 mu mihanda ya Kamabuye, Gako na Ruhuha.

Iri rushanwa ryegukanywe na Karan Patel ukinana na Tauseef Khan muri Skoda Fabia R5, aho bakoresheje amasaha abiri, iminota 13 n'amasegonda 18.

Yahigitse Huwel Ahmed na Solanki Roheet bakinisha Toyota Yaris GR, abanikiye iminota irindwi n'amasegonda 29.

Patel yegukanye iri siganwa ku nshuro ya kane, nyuma yo kuritwara mu 2022, mu 2023 no mu 2024.

Kanangire Christian ukinana na Mujiji Kevin muri Subaru Impreza, ni bo bakinnyi bashoboye gusoza mu Cyiciro cya Kabiri cya Shampiyona ya Afurika (ARC2), aho bakoresheje amasaha abiri, iminota 37 n'amasegonda 39.

Aba barushije Ntambi Oscar wo muri Uganda ukinana na Luggya Pius babaye aba kabiri, iminota 19 n'amasegonda 49, mu gihe barushije Muwonge Susan ukinana na Nsubuga Musa, babarusha iminota 23 n'amasegonda 22. Uyu ni na we wabaye umugore mwiza mu irushanwa.

Queen Kalimpinya ukinana na Ngabo Olivier ntabwo bashoboye gusoza iri siganwa, bitewe n'uko imodoka yabo yagize ikibazo ku munsi wa mbere ndetse n'uwa kabiri.

Muri rusange Kanangire Christian yabaye uwa karindwi muri Shampiyona ya Afurika (ARC), aho abayikinnye bakinnye uduce 18.


**Kanangire Christian yegukanye isiganwa ari kumwe na Mujiji Kevin**


**Rwanda Mountain Gorilla Rally yakinwe ku nshuro ya 24**